

# INAMA Z'IMANA MURI IYI MINSI

Ellen G. WHITE

# INAMA Z'IMANA MURI IYI MINSI

Story of Redemption in Kinyarwanda – 2008

INAMA Z'IMANA MURI IYI
MINSI

E. G. White

Itorero ry'Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi mu Rwanda

# IBIRIMO

IBIRIMO ........ 3
Uko ibibi byaje ........ 4
Inkomoko y'isi n'iy'umuntu ........ 9
Akaga kaje mu isi ........ 11
Kugwa k'umuntu ........ 17
Inama Imana ifitiye abantu ........ 24
Igitambo cya mbere ........ 31
Abantu babiri b'abakiranutsi ........ 34
Kurimbuka kw'ibibi ........ 37
Kuki abantu batandukanye? ........ 44
Itangiriro ry'Ubwoko bw'Imana ........ 46
Uko ubukwe bwiza bukwiriye kumera ........ 52
Impanga zitandukanye ........ 54
Inzira yo gutsinda ........ 58

***Bamaze gucumura, marayika yeretse Adamu na Eva umusaraba uzabazanira agakiza barawurabukwa***

# 1

# Uko ibibi byaje

Lusiferi akiri mu ijuru, ataragoma, yahoze ari marayika mukuru ufite ikuzo, kandi ku cyubahiro yari akurikiye Umwana w'Imana ikunda. Ishusho ye nayo, yerekanaga urukundo n'umunezero nk'iy'abandi bamarayika. Uruhanga rwe rwari rurerure rwagutse, kandi rwerekanaga ubwenge bukomeye. Igihagararo cye cyari gitunganye rwose; ikimero cye cyari nk'icy'umunyacyubahiro ndetse nk'icy'umwami. Umucyo uhebuje warasiraga ku ishusho ye kandi ukamugota. Yararabagiranaga kandi yari mwiza kuruta abandi bamarayika; ariko Kristo, Umwana w'Imana ikunda, ni we warutaga ingabo zose z'abamarayika. Yari umwe na Se, abamarayika batararemwa. Lusiferi yagiriye Kristo ishyari maze buhoro buhoro yiha gutegeka ibyari ibya Kristo wenyine.

Umuremyi ukomeye aherako ateranya ingabo zose zo mu ijuru, kugira ngo yubahirize Umwana we mu maso y'abamarayika bose. Umwana yicaranye na Se ku ntebe y'ubwami, ubwo inteko zo mu ijuru zari zihateraniye zibagose. Se amenyekanisha noneho ko we ubwe ategetse ko Kristo Umwana we, azaba ahwanye na we; kugira ngo aho Umwana azaba ari hose, bibe nk'aho Se yahabaye. Ijambo ry'Umwana rikwiriye kumvirwa rwose nk'irya Se. Kandi ngo yamaze guha Umwana ububasha bwo gutegeka ingabo zo mu ijuru. Cyane cyane yajyaga gukorana na we mu murimo wari ugiye gukorwa vuba wo kurema isi n'ikintu cyose kizima cyajyaga kubaho ku isi. Umwana we yajyaga gukora ibyo Se ashaka, ariko ntabwo yajyaga kugira icyo akora kubwe wenyine. Ububasha bwa Se bwajyaga gusohozwa muri we.

Lusiferi yagiriye Yesu Kristo ishyari n'igomwa. Ariko abamarayika bose bapfukamiye Yesu ngo bemere ubukuru n'ububasha bwe bikomeye n'uko ahawe n'ubutware, Lusiferi apfa gupfukamana na bo; ariko umutima we wari wuzuye ishyari n'urugomo. Kristo yari yarajyanywe mu nama y'Imana bihariye ngo basubire mu by'inama zayo, ariko Lusiferi ntarakarushya abimenya. Ntabwo yasobanukiwe ndetse ntarakanemererwa no kumenya inama z'Imana. Ahubwo Kristo ni we wari wemerewe kuba Umwami wo mu ijuru, kandi ng'ububasha n'ubutware bwe buhwanye n'ubw'Imana ubwayo. Lusiferi yibwiye ko ari we mutoni kuruta abandi bamarayika bo mu ijuru. Yari yashyizwe hejuru cyane ariko ibyo ntibyatumye ashima cyangwa ngo ahimbaze umuremyi we.

Yashatse kwishyira hejuru ngo yihwanye n'Imana ubwayo. Yirase ubukuru bwe. Yari azi ko yubahwa n'abamarayika. Yari afite umurimo agenewe gukora. Yahoraga iruhande rw'Umuremyi ukomeye, kandi imirasire itazima y'umucyo w'ubwiza butwikira Uwiteka yajyaga imurasiraho. Atekereza uko abamarayika bamushimishaga bumvira itegeko rye batajuyaje. Ngo ese imyenda ye yo ntiyoroheje kandi si myiza? Ni iki cyatuma Kristo amurusha kubahwa atyo?

Nuko aherako yitarura Imana, ababaye kandi afite ishyari yibasiye Yesu Kristo. Aherako ateranya ingabo z'abamarayika, ariko ahisha imigambi y'ukuri yari afite. Aterura ibyo ashaka kubatekerereza bimwerekeyeho. Nk'utewe agahinda, ababwira kandi yuko guher'ubwo umudendezo mwiza wose abamarayika bari bafite ushize. Ngo none se ubwo bo badahawe ubutware, uwo bagomba kuyoboka bakajya bamwubaha ni nde? Ababwira yuko yabateranirije hamwe ngo ababwire yuko atazongera kwemera ko abamarayika cyangwa se we ubwe basuzugurwa; kandi ngo ntabwo azongera gupfukamira Kristo bibaho ngo aziyendera icyubahiro yari akwiriye guhabwa, kandi ngo azaba umuyobozi w'abazemera kumuyoboka bose bakumvira ijwi rye.

Haba impaka hagati y'abamarayika. Lusiferi n'abamukundaga bagerageje kugorora ubutegetsi bw'Imana. Ntibanyurwa kandi ntibanezerwa kuko batemererwaga kureba mu bwenge bwayo butarondoreka ngo bamenye imigambi yayo yo gushyira hejuru Umwana wayo, no kumuha ububasha n'ubutegetsi butagira akagero. Bagomera ubutware bw'Imana.

Abamarayika b'abayoboke n'abanyakuri bagerageje kwemeza marayika ukomeye w'icyigomeke, kumvira ubushake bw'Imana. Berekana yuko iby'Imana yakoze byo kubahiriza Kristo bikwiriye koko, kandi bavuga impamvu zikomeye, babasha kwemeza Lusiferi ko atatubirijwe icyubahiro n'uko Imana yubahirije Umwana wayo. Bamwereka neza cyane ko Kristo ari umwana w'Imana, yahoranye na yo abamarayika batararemwa; kandi ko yahoraga ahagaze iburyo bw'Imana, ntawigeze ashidikanya ubutware bwe bw'ineza n'urukundo; kandi ko nta mategeko yatanze ingabo zo mu ijuru zitakunze gusohoza. Bamugaragariza ko icyubahiro yajyaga abona kitagabanuwe n'uko Kristo abonye icyubahiro gikomeye kiva kuri Se. Abamarayika bararira. Bagerageza kumwemeza bafite ishyushyu ngo areke imigambi ye mibi, yemere kuyoboka Umuremyi wabo; kuko mbere hose bose bari amahoro bakubiye hamwe, ngo none n'iki cyateye iryo jwi ry'impaka n'ubugome?

Ariko Lusiferi ntiyabireba n'irihumye. Maze aherako atera umugongo abamarayika b'abayoboke n'abanyakuri, abita ibiretwa. Abo bamarayika bayoboka Imana, bahagarara bumiwe babonye yuko Lusiferi yanze akaba icyago mu byo kugomesha. Yabasezeraniye ubundi butware bushya burusha ubwo bari bafite kuba bwiza, kandi ngo muri ubwo butware hazaba umudendezo gusa. Benshi bagaragaje imigambi yabo yo kwemera ngo ababere umuyobozi n'umutegeka mukuru. Abonye ko ibyo yagerageje byanze bikiganza, yibwira ko abamarayika bagiye kumuyoboka, maze agahwana n'Imana ubwayo, kand'ijwi rye ry'ubutware rikumvikana rigategeka ingabo zose zo mu ijuru. Abamarayika b'abayoboke bongera kumuburira, bamuhamiriza amaherezo ye ayo ari yo nibakomeza kugoma; bamubwira yuko Iyabashije kurema abamarayika, ibasha no kubanyaga ubutware bwabo, ikabahana mu buryo buteye ubwoba itewe n'ubuhinza n'ubugome bwabo bukomeye. Ni ishyano gutekereza ko marayika yagomera amategeko y'Imana yera nka nyirayo. Bihanangirije abagome ngo bizibe amatwi batumva amashya ya Lusiferi, kandi bamugira inama we n'abashukwa na we bose yo gusanga Imana ngo bayiregeho ibicumuro byabo kuko bemeye kugira igitekerezo cyo gushidikanya ubutware bwayo.

Benshi mu bayobotse Lusiferi bari bemeye kumvira inama y'abamarayika b'abayoboke no kwihana ihinyu ryabo ngo bakirwe kandi bongere kwiringira Imana n'Umwana wayo ikunda. Gica uwo yerura noneho ko azi neza amategeko y'Imana, ngo naramuka yemeye kumvira nk'imbata, byaba nkaho anyazwe icyubahiro cye. Ngo ntazongera kwiringirwa ngo agire umwanya ukomeye, yahoranye mbere. Ababwira kandi ko we ubwe ndetse hamwe na bo, bamaze kugoma birenze urugero batakibasha kugarukira Imana, kandi ko adafite ubwoba bw'ingaruka yabyo, kuko atakwemera gupfukamira Umwana w'Imana ngo amusenge nkaho ari ikiretwa kandi ari ukugorwa n'ubusa, na none Imana itazababarira, ahubwo ngo bagomba kwerekana umudendezo wabo, bakabonesha imbaraga umwanya n'ubutware batagabiwe ku neza.

Abamarayika b'abayoboke birukanka basanga Umwana w'Imana, bamumenyesha ibyabaye mu bamarayika. Basanga Imana ijya inama n'Umwana wayo ikunda, ngo bagene uburyo ubutware Satani yari yihaye bushobora gukurwaho kugira ngo abamarayika b'abayoboke bamererwe neza. Imana ikomeye yari ifite ububasha bwo guca uwo mushukanyi mukuru imukura mu ijuru ako kanya, ariko si byo byari imigambi yayo. Yashakaga ko abagome babona umwanya wo kugereranya imbaraga zabo n'ubushobozi bwayo n'iby'Umwana wayo ubwayo n'abamrayika b'abayoboke. Muri iyi ntambara marayika wese yagombaga guhitamo, uwayobotse akabigaragariza bose. Mu ijuru ntabwo hajyaga kuba heza, keretse ufatanyije na Satani wese kugoma akuweyo.

Bari bamaze kwiga kugomera amategeko y'Imana adahinduka babyitumye, ubwo rero ntibari bakibashije gukira. Imana iyo ihita ihana uwo mugome, abamarayika bafatanyije na we ntibajyaga kugaragara; ni cyo cyatumye Imana ibigenza ukundi, kuko yashakaga kugaragariza ingabo zo mu ijuru zose kutabera kwayo no guca imanza kwayo.

***Intambara mu ijuru***

Cyari igicumuro kiruta ibindi byose, kugomera ubutware bw'Imana. Mu ijuru hose habaye umuvurungano, abamarayika bacibwamo imitwe, umutwe wose ugira marayika mukuru uwutegeka. Satani arwanya amategeko y'Imana, kuko yashakaga kwikuza ntiyemere kumvira ubutware bw'Umwana w'Imana, umutegeka mukuru wo mu ijuru.

Ingabo zose zo mu ijuru zihamagarirwa kuza imbere y'Imana, ngo ice imanza za marayika wese. Satani avuga adashishwa ko atakwemera ko Kristo atona ngo amurute. Ahaguruka yirata ngo akwiye guhwana n'Imana akajya mu nama zayo zose, akamenya imigambi yayo yose. Imana yerurira Satani ko izajya ihishurira umwana wayo wenyine imigambi yayo y'ubwiru, kandi ko ishaka ko ab'umuryango wose wo mu ijuru; bamenya ko Satani ubwe yihamije ko adakwiriye kugira umwanya mu ijuru. Satani aherako arishima; atunga urutoki abafatanyije na we, bendaga kungana n'umubare wa kabiri w'abamarayika bose, ararangurura ati "Aba bose bari kumwe nanjye! Mbese aba na bo ugiye kubaca ubure abantu bangana batya mu ijuru?" Aherako yerura ko yiteguye kurwanya ubutware bwa Kristo no kurinda umwanya we mu ijuru ku gahato ngo bazimbanwa amaboko.

Abamarayika beza bararira cyane bumvise amagambo ya Satani yo kwirata, yishima. Imana itegeka ko abagome batacyongeye kuguma mu ijuru. Baba baragumye mu mwanya wabo wo mu ijuru iyo bemera kumvira itegeko Imana yari yahaye abamarayika, ari na bo bari bafite ubwenge bwinshi. Ariko nta nama yagiwe yo gukiza abazajya bituma kwica amategeko yayo. Satani ashira amanga cyane yo kugoma, asuzugura amategeko y'Umuremyi. Ndetse ananirwa kwiyumanganya. Avuga ko abamarayika batagombaga guhabwa amategeko; bari bakwiriye kurekwa bakikurikirira ububasha bwabo, bukaba ari bwo buzajya bubayobora mu by'ukuri; naho ayo mategeko ababuza umudendezo; kandi ngo gukuraho rwose amategeko ni yo migambi ikomeye yari ifite imutera kuvuga atyo. Yibwiye yuko abamarayika bakwiriye kubona amajyambere. Umunezero w'ingabo zose zo mu ijuru bawubonye igihe bari bacyumvira rwose amaategeko. Marayika wese yabaga afite umurimo agenewe, kandi kugeza igihe Satani yagomye, hariho gahunda itunganye no gufatanya kwiza mu ijuru.

bubayobora mu by'ukuri; naho ayo mategeko ababuza umudendezo; kandi ngo gukuraho rwose amategeko ni yo migambi ikomeye yari ifite imutera kuvuga atyo. Yibwiye yuko abamarayika bakwiriye kubona amajyambere. Umunezero w'ingabo zose zo mu ijuru bawubonye igihe bari bacyumvira rwose amategeko. Marayika wese yabaga afite umurimo agenewe, kandi kugeza igihe Satani yagomye, hariho gahunda itunganye no gufatanya kwiza mu ijuru.

Maze habaho intambara mu ijuru. Umwana w'Imana, igikomangoma cyo mu ijuru, n'abamarayika be b'abayoboke batera uwo mugome mukuru n'abari bafatanije na we, baranesha; maze Satani n'abamukunda bacibwa mu ijuru. Ingabo zo mu ijuru zose ziherako zemera Imana itabera zirayisingiza. Mu ijuru ntihasigara inenge na nto y'ubugome. Hose haba amahoro no gushyira hamwe nka mbere. Abamarayika bo mu ijuru barijijwe n'amaherezo ya bagenzi babo koko bivukije umunezero n'ibyishimo. Mbese mu ijuru bumva ko bahombye.

Imana igira inama Umwana wayo yo gusohoza imigambi yabo bidatinze yo kurema abantu bo kuba mu isi. Yashatse kubanza kugerageza umuntu ngo irebe ko azayiyoboka itaramuha ubugingo budashira. Ngo n'ashobora gutsinda icyi Imana imugeragerésheje, azabone guhwana n'abamarayika. Yari akwiye gushimwa n'Imana, kandi yari kuzaganira n'abamarayika, Imana ntiyashatse kubarema mu buryo butuma badacumura.

## 2

## Inkomoko y'isi n'iy'umuntu

Imana Data wa twese n'Umwana batangiye umurimo ukomeye kandi utangaje bari batekereje wo kurema isi. Iyi si yavuye mu maboko ya Rurema ari nziza cyane. Hariho imisozi, udusozi n'ibibaya; kandi hafi y'ibyo hari inzuzi n'ibidendezi. Isi ntiyari ikibaya kimwe kinini gusa, ahubwo hari itandukaniro rizanwa n'imisozi migufi n'imiremire. Ntiyari ibihanamanga nk'uko imeze ubu, ahubwo yari iringaniye, kandi imeze neza. Nta bitare binini bishashe n'ibirebire byayirangwagaho, ahubwo byari mu butaka nk'aho byabaye amagufa yayo. Ibidendezi y'amazi byari bikwiriye hose neza. Udusozi,imisozi n'ibibaya byiza cyane byari birimbishijwe n'uburabyo n'ibimera n'ibindi biti birebire bitunganye by'ubwoko bwose, kandi biruta cyane ibyo muri iki gihe kuba binini na byiza. Umwuka wari mwiza kandi ugatera umeze muke, mbese isi yose yasaga n'inzu y'ubwami. Abamarayika barabirebaga bakishimira imirimo itangaje kandi myiza y'Imana.

Imana n'Umwana bamaze kurema isi n'inyamaswa, baherako basohoza ya nama bari baragambiriye Satani ataragwa, ari yo yo kurema umuntu ku ishusho yabo. Bari bafatanije kurema isi n'ikizima cyose kiyiriho. Noneho Imana ibwira Umwana wayo iti: "Tureme umuntu ku ishusho yacu." Igihe Adamu yavaga mu maboko ya Rurema, yari umuntu mwiza w'urwego kandi uteye neza cyane. Yasumbaga abantu bo muri iki gihe inshuro zirenga ebyiri, kandi yari yemye atunganye rwose. Mu maso he hari hatunganye kandi ari heza. Ntihari umweru cyangwa inzobe, ahubwo harabengeranaga, habonerana ku mpamvu z'umuze muke. Eva ntiyareshyaga n'Adamu, yamugeraga ku rutugu. Na we n'uko yari afite ishusho nziza n'ikimero gitunganye ari ihoho.

Abo baziranenge bombi ntibari bambaye imyenda. Bari batwikiriwe n'umucyo w'ubwiza nk'ibyo abamarayika bambara. Bacyumvira Imana nibwo umucyo wabagotaga, n'ubwo ibintu byose Imana yari yararemye byari byiza cyane bitunganye, kandi bikaba byarasaga n'aho ari nta cyari kibuze cyo kunezeza ku isi, Imana yarenzeho yerekanaAdamu na Eva urukundo rukomeye ibafitiye ni ko kubahingira umurima, ari bo iwugeneye. Mu gihe kimwe bakoraga mu murima banezerewe bawurinda: mu kindi gihe bagasurwa n'abamarayika, bagategera amatwi ibyigisho byabo kandi bakagira umwanya wo gutekereza banezerewe. Umurimo wabo ntiwabananizaga, ahubwo wababeraga mwiza ndetse ukabatera imbaraga nshya. Uwo murima mwiza ni wo wari ukwiriye kuba urugo rwabo.

Muri uwo murima Uwiteka yateyemo ibiti by'ubwoko bwiza bwose bw'ingirakamaro. Hariho ibiti byera amatunda meza cyane, ahumura neza cyane kandi anezeza amaso akanaryoha cyane, yagenwe n'Imana kuba ibyokurya by'abo Bantu bombi bera. Hariho imizabibu myiza yakuze igororotse ihunzeho amatunda, adasa n'andi umuntu yigeze kubona, hanyuma yo gucumura kw'Adamu. Amatunda yari manini cyane kandi afite amabara atari amwe, amwe yariraburaga, andi yari umuhemba, umutuku, ikijuju, n'icyatsi kibisi. Ayo matunda meza yari ahunze ku mashami y'uruzabibu akitwa inzabibu. Imizabibu ntiyarandaga hasi nubwo yabaga idafite imihembezo, ariko uburemere bw'amatunda bwatumaga ibogama. Adamu na Eva byababeraga umurimo w'umunezero kugondagonda amashami y'inzabibu no kuyarera, ngo babikoremo amazu y'ibiti bitaraga byiza n'ibibabi bihunzeho amatunda meza kandi ahumura neza.

Isi yari yambitswe n'ibimera, kandi uburabyo buhumura neza bw'amoko yose n'amabara yose, bwameraga vuba kandi bwari bwinshi bukabakikiza. Hagati mu murima hari igiti cy'ubugingo, cyarutaga ibindi byose ubwiza. Ikintu cyose cyari gitunganijwe neza kandi kiringanijwe. Amatunda yacyo yasaga n'amapera arabagirana nk'izahabu n'ifeza, kandi ni yo yajyaga kubeshaho abantu iteka. Ibibabi byacyo byashoboraga kuvura indwara.

### *Adamu na Eva muri Edeni*

Abo bantu bombi bari banezerewe cyane muri Edeni. Bari bahawe ubutegetsi butagira iherezo bwo gutegeka ikizima cyose. Intare n'ingwe zakiniraga i Ruhande rwabo zitagira icyo zibatwara; ubundi zikabiryamira ku birenge. Inyoni z'amako yose n'amabara yose zagurukaga hirya no hino mu biti n'uburabyo zikurikiye Adamu na Eva, kandi zajwigiraga zikiranya hagati y'ibiti ziririmbira neza Umuremyi wazo.

Adamu na Eva bari banejejwe cyane n'ubwiza bw'urugo rwabo rwo mu Edeni. Bari banejejwe cyane n'izo nyoni zajwigiraga zibagose, ziyambariye amabara yazo meza, zigahora zinezerewe, zishimye, ndetse na bo bagafatanya na zo kurangurura amajwi baririrmba indirimbo z'urukundo, no guhimbaza Imana n'Umwana wayo ikunda babitewe n'ibimenyetso by'urukundo yabahaye byari bibagose. Babonaga gahunda n'ubumwe bw'ibyaremwe byose, bikabahamiriza ubwenge butangaje n'ubumenyi butagira akagero. Bahoraga bunguka ibyiza bishya n'ubwiza busaze iwabo ho mu Edeni, bigatuma imitima yabo yuzura urukundo rurushaho kuba rwinshi, kandi ibyo bigatuma mu kanwa kabo havamo amagambo yo gushima no kubaha Umuremyi wabo.

# 3

# Akaga kaje mu isi

Hagati mu murima, hafi y'igiti cy'ubugingo, hariho igiti kimenyekanisha ibyiza n'ibibi. Icyo giti cyane cyane Imana yakigeneye kuba ise-zerano ryo kumvira ngo irebe ukwizera n'urukundo bayifitiye. Uwiteka yari yabujije ababyeyi bacu ba mbere kurya kuri icyo giti, ndetse no kugikoraho ngo batazapfa. Ababwira ko bemerewe kurya ku biti byose byo muri uwo murima keretse kimwe, ariko ngo nibakiryaho no gupfa bazapfa.

Igihe Adamu na Eva bashyirwaga mu murima wa Edeni, bari bafite icyo bakeneye cyose ngo banezerwe. Ariko Imana yagambiriye mu nama zayo zitajijwa kubanza kugaragaza ubuyoboke bwabo ngo bazabone guhabwa gushyika kudashira. Mu nama zayo zitajijwa bahawe uburenganzira bwo kubanza kugaragaza ubuyoboke bwabo, ngo kubona ubutoni bwayo, yajyaga kuzajya iganira na bo. Ntiyashyira ibibi kure y'aho batashyikira. Satani yemerwa kubashuka. Ngo nibaramuka batsinze icyo kigeragezo bazahora batoneshejwe n'Imana n'abamarayika bo mu ijuru.

Satani yatangajwe cyane n'uko yaramaze guhinduka. Umunezero yahoranye wari warashize. Areba abamarayika bahoze banezeranwe nawe mbere ariko bakaba baracanywe nawe mu ijuru, bataracumura ntibagiraga agacuro k'ubwihebe ko kurogoya umunezero mwinshi wabo. Byose byari byarahindutse ukundi rwose. Mbere hose mu maso habo, hashushanyaga Umuremyi wabo, ariko ubu bose bafite intimba n'ubwihebe.

***Lusiferi n'abamuyobotse bagomera Imana bagacibwa mu ijuru***

Hariho intambara no kudafatanya n'imburanya hagati yabo. Mbere hose bataragoma, bene ibyo bintu byari bitaramenyekana mu ijuru. Satani abona noneho amaherezo akomeye y'ubugingo bwe. Ahinda umushyitsi, kandi agira ubwoba bwo kureba ibizaba, no gutekereza amaherezo y'ibyo bintu.

Bari barahoranye umunezero, baririmbira Imana indirimbo zo kuyihimbaza hamwe n'Umwana wayo ikunda. Satani yajyaga ayobora abaririmbyi bo mu ijuru. Yajyaga atera indirimbo; maze ingabo zose z'abamarayika zikayikiriza, nuko indirimbo nziza zigasakara mu ijuru zihimbaza Imana n'Umwana wayo ikunda.

Ariko icyo gihe aho kumva indirimbo nziza cyane, uwo muyobozi w'ikigome yumvaga amagambo y'impagarara n'uburakari. Ari hehe? Mbese bene ibyo byose s'inzozi ziteye ubwoba gusa? Ubonye ngo acibwe mu ijuru? Mbese harya amarembo yo mu ijuru nta bwo azongera kumukingukira? Igihe cyo gusenga ko cyegereje, nta bwo azongera gufatanya na bo indirimbo zo mu ijuru. Nta bwo azongera gupfukama yubashye kandi afite igitinyiro imbere y'Imana ihoraho.

Iyaba yabashaga kongera kuba nk'uko yari ameze akiri imbonera, umunyakuri n'umuyoboke, rwose yakwishimira kureka bwa butware yari yihaye, ariko yamaze kwizimiza atagishobora kwigobotora ku mpamvu z'ubugome bw'ubukubaganyi! Kandi si ibyo gusa; ntiyari agishoboye ahubwo yari yaragomesheje n'abandi ngo bazimire nka we; abamarayika nta bandi bari barigeze gutekereza ibyo gushidikanya ubushake bwo mu ijuru cyangwa kwanga kumvira amategeko y'Imana kugeza aho yari yarabibashyiriye mu bwenge, akabereka ko bashobora kubona ibyiza birutaho, n'umudendezo urushijeho kuba mwinshi kandi mwiza. Ni yo magambo y'uburiganya yari yabashukishije. Amaze kubona iyo nkeke yiteye, asigara yifuza icyayimukuramo.

Iyo myuka (abadayimoni) yari itangiye kugira amahane ku mpamvu z'ibyiringiro bituzura. Aho kubona ibyiza birutaho, noneho babona amaherezo y'agahinda azanwa no kutumvira no guhinyura amategeko. Nta kundi abo bantu b'abanyamaboko bazategekwa n'ubutware butunganye bwa Yesu Kristo. Mu mwuka wabo nta bwo bajyaga kuzongera kugira ubushyuhe n'urukundo rwinshi kandi rukomeye, amahoro n'umunezero mu mitima yabo nk'uko bajyaga babigira bakiri kumwe na bo, kandi na bo bakamwitura ineza n'icyubahiro cy'igitinyiro.

### *Satani ashaka gukomorerwa*

Satani yahinze umushitsi yitegereje ibyo yakoze. Yigunze wenyine atekereza ibyabaye, ibyari biriho ubwo, n'inama afitiye ibizaza. Atengurwa umubiri wose nk'uhushywe n'inkubi y'umuyaga. Ubwo marayika wo mu ijuru arahanyura, Satani aramuhamagara, asaba kubonana na Kristo. Arabyemera. Noneho abwira Umwana w'Imana ko yihannye ubugome bwe, kandi ko ashaka kongera gutona ku Mana. Yari yemeye kongera gusubira mu mwanya Imana yari yamugeneye mbere, no gutegekwa n'ubutware bwayo bwiza. Kristo arizwa n'ishyano Satani yagushije, ariko amubwira ko Imana yavuze ko adashobora kugarurwa mu ijuru. Mu ijuru ntihakwiriye kuba akaga. Mu ijuru hose hahindana aramutse agaruwe yo kuko ibyaha n'ubugome ari we byakomotseho. Ndetse n'imbuto z'ubugome zikaba zikimurimo bene ako kageni, byongeye kandi si we wirimbuje wenyine, ahubwo yagomesheje n'ingabo nyinshi

z'abamarayika, none baba banezerewe muijuru iyo aba ataragomye ahubwo agashikama. Kandi ngo amategeko y'Imana aca iteka, ariko ntiyashoboraga kubabarira.

Ntiyihanishwaga ubwo bugome bwe n'uko yabonye ineza y'Imana yari yasuzuguye. Ntabwo urukundo afitiye Imana rwari rugwiriye hanyuma yo gucibwa kwe, ngo rutume yiyoroshya, anejejwe no kumvira amategeko y'Imana yari yarasuzuguye. Ibyamuteye kugira agahinda ni uko; yajimije umucyo mwiza wo mu ijuru, yishoye, ariyirabuza, yumva ko yihemukiye cyane ubwo atabonye ibyo yibwiye. Yabonye ko kuba umutegeka w'ahatari mu ijuru bitandukanye cyane no guhabwa icyo cyubahiro uri mu ijuru. Ibyo yabuze byose by'amahirwe yo mu ijuru byari ishyano ryose bimusurira n'aho adashobora kubiheba, yifuzaga kubikomorerwa.

Kandi rero uko guhinduka ko kwishakira icyubahiro, ntikwagwije urukundo afitiye Imana, cyangwa amategeko yayo meza atabera. Igihe Satani amenye neza rwose yuko atacyongeye kuba umutoni w'Imana, yerekanye igomwa ayifitiye n'inzika ikomeye abikomeje.

Imana yamenye yuko ubugome bufite imigambi ikomeye nk'ubwo butazarekeraho. Ngo ahubwo Satani azashaka uburyo bwo gutera amahane mu bamarayika bo mu ijuru no gusuzugura ubutware bwayo. Ntiyari agishoboye kunyura mu marembo yo mu ijuru, ahubwo ngo azajya ahagarara ku irembo, ajyanywe no gushinyagurira abamarayika abacunaguza uko binjira, banasohoka. Kandi ngo azashaka kuvutsa Adamu na Eva umunezero, kuko azagerageza kubagomesha na bo, yari azi ko ibyo bizatera agahinda mu ijuru

### *Inama yo kugusha umuryango w'abantu*

Abayoboke be baramushengereye, na we aherako abatekerereza iby'inama abafite yo kunyaga Imana wa mugabo mwiza na mugenzi we Eva. Ngo nabasha kuboshya mu buryo ubwo ari bwo bwose ngo bacumure bizatuma Imana igena uburyo bwo kubababarira, maze na we ubwe n'abamarayika bacumuranye babonereho uburyo bwo kubabarirwa n'Imana. Kandi ngo ibyo nibiramuka binaniranye,bazafatanye n'Adamu na Eva, kuko naho baramuka bacumuye rimwe risa ku mategeko y'Imana, bazaba bikuririye umujinya w'Imana, nk'abamarayika bacumuye. Ngo igicumuro cyabo kizaba kibagize abagome, maze abamarayika bifatanirize na Adamu na Eva, banyage Edeni, bahagira iwabo. Kandi ngo nibabona babashije kugera ku giti cy'ubugingo hagati y'umurima, bibwira ko imbaraga zabo zizahwana n'iz'abamarayika bera, ndetse n'Imana ubwayo izaba itakibashije kubaca.

Satani aherako agirana inama n'abamarayika be babi bose. Ntibapfuye kwemera gufatanya gukora uwo murimo w'akaga uteye ubwoba. Ababwira ko atabona uwo yiringira muri bo ngo abe ariwe ukora uwo murimo, ahubwo yibwiye ko ari we wenyine ufite ubwenge bukwiriye bwo gukora umurimo, ukomeye nk'uwo. Yashakaga ko basigara babitekereza agiye kwiherera ngo abone uko yuzuza inama ze. Yagerageje kubumvisha neza yuko ari byo byiringiro byabo biheruka. Ngo ni batsindwa muri iyo nama, ntibazabona ibindi byiringiro na gato byo gusubira mu ijuru cyangwa ahandi hose ho mu byaremwe by'Imana ngo bahatware.

Satani ajya kwiherera ngo yuzuze inama zikomeye zatuma Adamu na Eva bacumura. Yari afite ubwoba ko imigambi ye itazasohora. Kandi ubundi ngo naho yatsinda agatumaAdamu na Eva batumvira itegeko ry'Imana, bakaryica, na none we nta cyo azaba yungutse muri ibyo, ibyo ntibizaba bitumye atsinda; ahubwo ibibi bye bizaba birushijeho kugwira.

Agitekereza ibyo kuroha abantu babiri beza mu butindi no mu bwihebe yari arimo ubwe, ahinda umushyitsi. Asa n'uheze mu rungabangabo, ashidikanya. Abamarayika bagashengerera uwo muyobozi wabo, ngo bamubwire icyo bamashe. Bari biteguye gufatanya na Satani inama ze, bagafatanya no kubikora ndetse n'ingaruka yabyo yose, ntibagire icyo bamuhanaho.

Satani ahera ko akomeza kugira ibitekerezo byo kwiheba n'intege nke, maze kuko ari we muyobozi wabo, yiha akanyabugabo ngo aneshe, nuko akora uko ashobora ngo aganze ubutware bw'Imana n'umwana wayo. Aherako abatekerereza inama ze. Ngo yasanze Adamu na Eva agashoka agayisha Umwana w'Imana, nta bwo bakwiririrwa bamwumva, ahubwo baba biteguye kuburana; kandi ashatse no kubatera ubwoba ku mpamvu z'ububasha bwe, kuko vuba aho yari marayika ufite ubutware bwinshi, na byo nta cyo byamara. Aherako abonako ubucakura n'uburiganya ari byo byabaca intege kuruta ubushobozi n'agahato.

### *Adamu na Eva baburirwa*

kangishije. Banoganije mu nama zo mu ijuru ko abamarayika bazajya bajya gusura mu Edeni bakaburira Adamu ko ari mu kaga k'umwanzi. Abamarayika babiri baherako barihuta bajya gusura ababyeyi bacu ba mbere. Abantu babiri bera babakirana umunezero utagira kirogoya, bavuga ukuntu bashima Umuremyiwabo kuko yabagotesheje ibyiza byinshi. Bari bafite ibintu byose byiza kandi binejeje, bakabyishimira. Kandi byose byabaga byaringanijwe n'ubwenge ngo bikunde bibanyure; ariko icyo bishimiye cyane kuruta indi migisha yose n'ugusabana n'Umwana w'Imana n'abamarayika bo mu ijuru,

kuko bagiraga byinshi byo kubabwira igihe cyose babasuye, ibyo bintu bishya bivuye mu bwiza bw'ibyaremwe byo mu rugo rwabo rwiza rwo mu Edeni, kandi bakundaga kubaza byinshi byerekeye ku byo batumvaga neza

Abamarayika bumvaga banezerewe kandi bagakunda kubabwira ibyo bashakaga kumenya. Kandi bakanabatekerereza igitekerezo giteye agahinda cy'ubugome no gucibwa kwa Satani. Maze baberurira ko igiti kimenyekanisha ubwenge cyashyiriwe mu murima kubabera urugero rwo kumvira kwabo n'urukundo bakunze Imana yuko icyubahiro n'umunezero abamarayika babiheshwa no kumvira amategeko y'Imana, bakaba banezerewe bitavugwa, naho baramuka bagomye bakabura icyubahiro cyabo bakabura ibyiringiro bakaba ibyihebe.

Bumvisha Adamu na Eva ko Imana itazabahatira kumvira kandi yuko itabanyaze ububasha bwo kugomera ubushake bwayo; ngo n'abantu bigenga, babasha kwihitiramo kumvira cyangwa kutumvira. Icyakora ngo nibacumura ku Mana no gupfa bazapfa. Batekerereza Adamu na Eva uko marayika wari mukuru wa bose, akurikiranye na Kristo, yanze kumvira amategeko Imana yari yashyiriyeho gutegeka abari mu ijuru; ngo ubwo bugome bwateye intambara mu ijuru, maze bituma abagome bacibwa, na marayika wese wari wafatanije na we gushidikanya ubutware bwa Yehova ukomeye acibwa mu ijuru; kandi ngo uwo mwanzi waguye yabereye umubisha abakunda Imana bose n'Umwana wayo ikunda.

Babatekerereza yuko Satani agambiriye kubagirira nabi, kandi ko ari ngombwa kwirinda cyane, kuko byashoboka ko umwanzi waguye atabura kubasanga; ariko ngo ntazagira icyo abatwara bacyumvira itegeko ry'Imana, kuko naho byaba ngombwa abamarayika bose bo mu ijuru baza kubatabara, ngo atabona uko abagirira nabi mu buryo bwose. Ariko ngo nibica itegeko ry'Imana, Satani azibonera ububasha bwo kubabuza agaciro; Satani ababuragize, kandi abahagarike imitima. Ariko ngo ni bakomera ntibategere amatwi ibyo abashukisha, bazaba bashyitse nk'abamarayika bo mu ijuru. Ariko nibumvira amagambo y'ubushukanyi. Itababariye abamarayika bakuru nabo ntizababababarira. Bazagomba kubona igihano cyo gucumura kwabo, kuko amategeko y'Imana yera nka Yo rwose, kandi isaba abari mu ijuru no mu isi kumvira badashidikanya.

Abamarayika bihanangirije Eva ngo ye kuzatana n'umugabo we mu mirimo yabo kugira ngo ejo atazasakirana na wa mwanzi waguye. Ngo ni batandukana bazaba barushijeho kwishyira mu kaga kabi kuruta ko baba bari kumwe. Abamarayika babihanangiriza kumvira bitonze iby'Imana yababwirije byerekeye igiti kimenyekanisha ubwenge, ngo ni bumvira rwose nta kaga bazabona, kandi uwo mubisha waguye ntazagira ububasha na hato bwo kuboshya. Imana ntiyakundira Satani kwibasira abo bantu bombi bera ngo abashuke. Aho yari afite uburenganzira gusa ni ku giti kimenyekanisha ibibi n'ibyiza.

Adamu na Eva bahamiriza abamarayika yuko batazica itegeko rigaragara ry'Imana, kuko umunezero wabo ukomeye cyane ari ugukora iby'Imana ishaka. Abamarayika baherako baririmbana n'Adamu na Eva indirimbo nziza cyane, maze iyo ndirimbo isakaye muri Edeni ndetse Satani yumva amajwi y'indunduro zabo bishimira guhimbaza Imana n'Umwana wayo. Nuko Satani abyumvise rya gomwa rye, urwangano n'ubugira nabi birushaho kugwira, maze amenyesha abayoboke be ko afite ishyushyu ryo gushukaAdamu na Eva ngo bacumure, ngo bitume umujinya w'Imana ubamanukira ako kanya maze izo ndirimbo zo guhimbaza kwabo zihindukire Umuremyi wabo amacuho n'umuvumo.

# 4

# Kugwa k'umuntu

Satani yihanga mu nzoka, ajya mu Edeni. Inzoka yari ikiremwa cyiza cyane gifite amababa, kandi iyo yagurukaga mu kirere yabaga ifite ishusho irabagirarana imeze nk'izahabu yasenwe. Ntiyakururukaga hasi, ahubwo yakubitaga hirya no hono iguruka mu kirere, kandi ikarya amatunda nk'umuntu. Satani aherako yihanga mu nzoka, ayihangamo ari mu giti kimenyekanisha ubwenge, atangira kurya buhoro buhoro ku mbuto z'icyo giti.

Ubwa mbere Eva yatandukanye n'umugabo we ku murimo yakoraga atabizi. Aho amenyeye ko batandukanye, yiyumvamo ko hari bube akaga, ariko yisubiyemo abona ko ashyitse, n'ubwo atagumye iruhande rw'umugabo we. Yibwira ko afite ubwenge n'imbaraga bihagije biribumubashishe kumenya ibibi n'ibyiza, akaza kubirwanya. Ubwo rero abamarayika bari baramwihanangirije ngo amenye atazirarira. Eva agiye kubona, abona ahanze amaso amatunda y'igiti cyabuzanijwe kimutera amatsiko, kiramutangaza. Abona ko ari icy'igikundiro bituma yibaza icyatumye Imana ikibuzanya. Noneho Satani aba yamubonye aho amuhera, avugana na we nk'umwinja ngo amenye ibyo atekereza: "Ni ukuri koko Imana yaravuze iti: "Ntimuzarye ku giti cyose cyo muri uyu murima?" Amubwira mu magambo yorohereye y'igikundiro, ameze nk'ubuhuha. Ubwo yabimubazaga, Eva yarumiwe. Yumvise inzoka ivuga, arikanga. Iherako iramwogeza ko ari mwiza kugira ngo ye kugira amakenga. Ariko aranga aratangara cyane, kuko yari azi ko Imana itahaye inzoka ububasha bwo kuvuga.

Eva agira amatsiko cyane. Aho guhunga ngo ave aho ngaho ako kanya, arahaguma ngo yumve uko inzoka ivuga. Ntiyarushya atekereza yuko noneho yaba wa mwanzi wacumuye, atari inzoka koko. Ubwo ni Satani wavugaga nta bwo ari inzoka. Eva yarariganijwe, arashimagizwa, arifuza. Iyo ahura n'umeze nk'umutware ukomeye, cyangwa ufite ishusho nk'iy'abamarayika, biba byaramuteye kwirinda. Ariko iryo jwi ry'inzaduka ryari rikwiriye gutuma asanga umugabo we akamubaza impamvu inzoka ivugana nawe ityo, ahubwo atangira kujya impaka nayo. Asubiza ikibazo cyayo, ati: "Dushobora kurya ku mbuto z'ibiti byo mu murima, keretse imbuto z'igiti cyiri hagati y'umurima ni z'Imana yatubwiye iti: "Ntimuzazirye, ntimuzazikoreho, mutazapfa." Inzoka irasubiza iti: "Gupfa ntimuzapfa kuko Imana izi yuko ku munsi mwaziriyeho, amaso yanyu azahweza, mugahinduka nk'Imana no kumenya icyiza n'ikibi."

Satani yashatse kubemeza yuko ni barya ku giti cyabuzanijwe bazabona ubwenge bw'uburyo bushya kandi nyabwo kuruta ubwo bajyaga babona mbere. Uwo ni wo murimo yari yigeneye, akawusohoza cyane, guhera igihe yacumuraga; atera abantu kugerageza kumenya ubwiru bw'Ishobora byose, ntibanyurwe n'iby'Imana, kandi abizeza ko bazagira ubwenge bw'agatangaza. Ariko ibyo byari uburiganya bukabije.

Bananirwa kumvira iby'Imana yahishuye, maze bahinyura amategeko yayo asobanutse, bishakira kubona ubwenge badafashwamo n'Imana. Ahubwo bakagerageza kwiyumvisha ibyo yishakiye kwima abantu bapfa.Bajyaga bishimira cyane ibitekerezo byabo byo kujya mbere bakoshywa n'ubwenge bwabo butagize umumaro, ahubwo basigarira barindagirira mu mwijima wo mu gicucu bayobewe ubwenge bw'ukuri. Bahoraga biga ariko ntibashyikire ubwenge nyakuri.

Ntibwari ububasha bw'Imana ko abo bantu bombi bacumuye bamenya ibi bihano na hato. Yari yabahaye ibyiza ku buntu, ariko ibima ibibi. Eva yibwira ko amagambo y'inzoka ari ay'ubwenge, maze yemera ibyo ahamirijwe bikomeye. "Gupfa ntimuzapfa:

***Adamu na Eva bari banejejwe n'ubwiza bw'iwabo muri Edeni***

Imana izi yuko ku musi mwaziriyeho, amaso yanyu azahweza, mugahindurwa nk'Imana no kumenya icyiza n'ikibi." Ahindura Imana umunyabinyoma. Satani asebya Imana ashize amanga ngo yarabariganije kuko ibimye ikuzo ngo bahwane na yo. Imana yavuze iti: "Ni mukiryaho, gupfa muzapfa." Inzoka yo yaravuze iti: "Nimukiryaho, gupfa ntimuzapfa."

Umushukanyi yahamirije Eva yuko namara kurya ku mbuto azaherako akabona ubwenge bushya kandi busumbyeho bugatuma ahwana n'Imana. Aherako aramwerekera, arya uko ashaka kose ku mbuto z'igiti, abona zitagize icyo zimutwara, ahubwo ziramuryohera cyane kandi zimutera imbaraga, amubwira ko ububasha bwazo butangaje buhesha ubwenge n'ubushobozi ari nayo mpamvu yatumye Imana ibabuza kuzirya ndetse no kunazikoraho, kuko yari izi kamere yazo itangaje. Ahamya neza ko Imana yamuhaye ububasha bwo kuvuga kuko yariye ku mbuto z'igiti bakomwe. Amubwira ko akeka ko Imana itazasohoza ibyo yavuze. Ngo yashatse kubakangisha gusa kugira ngo batazabona ibyiza bikomeye kurutaho. Arakomeza amubwira ko badashobora gupfa. Ngo ese harya bariye ku giti cy'ubugingo gituma babaho iteka? Avuga ko Imana 17 ibariganya kuko ibabuza kubona ubugingo bufite umugisha n'umunezero mwinshi.

Umushukanyi aca itunda, arihereza Eva. Araryakira mu ntoke ze. Umushukanyi aba amubonye urwaho, aramubwira ati: "Wabujijwe na nde no kurikoraho ngo udapfa, aramubwira ko ataziyumvamo ikibi kindi, yewe haba n'urupfu ariye ku itunda nkuko ari nta cyo yiyumviseho. Eva arashunwa kuko atiyumvisemo uburakari bw'Imana ako kanya, Yibwira ko amagambo y'umushukanyi ari ayo ubwenge n'ayo ukuri gusa. Ararya, maze ashimishwa cyane n'itunda, yumva ibiryohera byamusabye.

### *Eva ahinduka umushukanyi*

Aherako yicira amatunda, arayarya, maze yibwira ko yiyumvisemo imbaraga zitera ubuzima bushya kandi, bufite ikuzo aziheshejwe n'ayo matunda yari yabuzanijwe. Agira ibinezaneza atari asanganywe kandi bitari ibya kamere ye, aherako ajya gushaka umugabo we, amashyi ye yuzuye ya matunda bari babujijwe. Nuko amwiganira uko inzoka yavuganye na we mu mayere ashaka kumwoshya ngo amujyane ku giti cy'ubwenge. Amubwira ko yariye ku mbuto, maze aho kwiyumvamo iby'ubupfu akibonamo imbaraga inezeza kandi iteye ubuzima. Eva akimara gucumura yabaye intandaro yo kugusha umugabo we.

Ngiye kubona, mbona mu maso haAdamu haje agahinda.Asa n’utinye kandi atangaye. Bisa naho hari intambara irwanira mu bwenge bwe, abwira Eva ko adashidikanya rwose ko uwo ari we mwanzi bari babwiwe, ngo noneho rero azapfa ntakabuza. Ariko Eva we amubwira ko atiyumvisemo amaherezo mabi na hato, ahubwo abonye imbaraga inezeza cyane, nuko amwingingira kuryaho na we.

Adamu yumvise cyane ko mugenzi we yamaze gucumura agahangara icyo bari babujijwe ari na cyo cyageraga ubuyoboke n'urukundo rwabo. Eva na we yibwiraga mu bwenge bwe ko iby'inzoka ivuga bikwiriye kuba ibyo ukuri, kuko atiyumvagamo ibimenyetso byo kwangwa n'Imana, ahubwo yibwiraga ko afite imbaraga inezeza nk'iy'abamarayika bagira.

Adamu ababazwa n'uko Eva yamuvuye iruhande, ariko ngo noneho byarangiye. Agiye gutandukanywa n'uwo yari akunze cyane kubana na we. Ngo ibyo yabishobora ate? Urukundo yari akunze cyane Eva rwari rukomeye, maze bimukura umutima rwose yihitiramo gufatanya na we ndetse n'ingaruka yabyo. Yerura ko Eva ari umugabane w'umubiri we, kandi ngo napfa azapfana nawe kuko gutandukana nawe byo nta nubwo yarushya abitekereza.

Yananiwe kwizera Umuremyi we ugira imbabazi akagira n'ineza, ntiyatekereje ko Imana yari yaramuremye mu mukungugu wo hasi afite ishusho nziza ifite ubugingo, ikaba yaranamuremeye Eva ngo abe mugenzi we, yajyaga gushobora kuba ay'ukuri? Eva yari amuhagaze imbere, ari mwiza afite igikundiro, kani ameze nk'aho atakoze ikibi cyo kutumvira. Eva amubwira ko amukunze urukundo rwinshi rutagira uko rungana ndetse kuruta mbere hose ataracumura ubwo yari abitewe n'imbaraga z'itunda yari amaze kurya. Ntiyamubonamo ibimenyetso by'urupfu. Yari yamaze kumutekerereza amaherezo meza cyane bitewe nuko yariye izo mbuto, n'iby'urukundo rwaka umuriro yari amufitiye, maze ahitamo kutita ku maherezo yabyo. Yenda itunda, arirya vuba, na we amera nka Eva ntiyiyumvamo ako kanya ingaruka yabyo mbi.

Eva yari yibwiye ko afite ubwenge bwo guhitamo ibyiza n'ibibi. Ibinezeza by'ibyiringiro byo kuzigwa mu kubaho kuruseho kandi gufite ubwenge byamuteye gutekereza ko inzoka ari inshuti ye nyayo, ngo imufitiye ibitekerezo byinshi byo kumufasha. Iyaba yarahise ajya gushaka umugabo we, bakaba baratekerereje Umuremyi wabo amagambo inzoka yari yababwiye, baba baramuruweho ibishuko ako kanya. Uwiteka ntiyashakaga ko barangazwa n'imbuto z'igiti kimenyekanisha ubwenge, kuko kugihugiraho ari ko kwishyira mu buriganya bwa Satani. Yari azi yuko iyo badakora ku mbuto bajyaga kuba intungane rwose.

### *Umudendezo w'umuntu wo guhitamo*

Imana yigishirije ababyeyi bacu ba mbere iby'igiti kimenyesha ubwenge, kandi bari baramenyeshejwe ibyo kugwa kwa Satani byose, n'iby'akaga ko kumva inama Satani ababwira. Ntiyabatse ubushobozi bwo kurya ku mbuto zabuzanyijwe, Yarabaretse ngo bishyire bizane, bahitemo kwizera ijambo ryayo, no kumvira amategeko yayo ngo babeho, cyangwa kwizera umushukanyi, no kutumvira Imana ngo bapfe nabi. Bombi barariye, maze ubwenge bukomeye bungutse buba kumenya ibibi no kwimenyaho ibyaha. Umucyo wari ubatwikiriye ubavaho bwangu, maze bababazwa n'uko babuze umwambaro w'Imana, bahinze umushyitsi cyane, kandi bagerageza gutwikira ubwambure bwabo.

Ababyeyi bacu ba mbere bahisemo kwizera amagambo y'inzoka bagitekereza ibyayo; ariko nta bwo yari yabahaye ibimenyetso by'urukundo rwayo. Nta cyo yakoze cyo kubatera umunezero cyangwa cy'ingirakamaro, ariko Imana yo yari yabahaye ibyiza byo kuribwa byose kandi binezeza amaso. Aho bagezaga amaso hose hari ubwiza n'ibyiza byinshi; ariko Eva yariganijwe n'inzoka, imutera gutekereza ko hari icyo kimwe kibasha kubagira abanyabwenge nk'Imana rwose. Aho kwizera Imana no kuyibwira igitekerezo cye, ahita agira nabi ntiyiringira ineza yayo abumbatira amagambo ya Satani.

Adamu amaze gucumura yibwira ko yisumbuye mu byo kubaho gushya. Ariko bidatinze aterwa ubwoba no gutekereza igicumuro cye. Umwuka wari mwiza ugasusuruka, noneho ubasusira n'ukonje. Abo bantu bombi bacumuye, bimenyaho icyaha cyabo; Biyumvamo gutinya ibizaba, bumva bakennye cyane, bafite ubwambure bw'umutima. Urukundo rwiza n'amahoro n'umunezero wo kunyurwa bisa n'aho byabakuweho, maze mu cyimbo cyabyo bibonamo ubukene bw'ibyo batigeze kumenya mbere hose. Ubwo ni bwo bwari ubwa mbere bireba uko bameze inyuma. Mbere hose nta bwo bajyaga bambara, ahubwo bajyaga batwikirwa n'umucyo nk'abamarayika bo mu ijuru. Uwo mucyo wajyaga ubagota, noneho ubavaho. Kugira ngo boroherwe no kwiyumvamo ubukene n'ubwambure, batekereza ibyo gushaka umwambaro w'imibiri yabo, none se bajyaga guhinguka imbere y'amaso y'Imana n'ay'abamarayika bate batambaye?

Noneho icyaha cyabo ko kiri imbere yabo kitihishiriye. Birababagaragarira cyane ko bacumuye itegeko ry'Imana ritagira amakemwa. Adamu atonganiriza Eva ubupfu bwe yuko yamusize agashukwa n'inzoka. Bombi bibwiye bihenda ko Imana, ari yo yabahereye byose kubatera umunezero, ngo yenda yababarira kutumvira kwabo kubwo urukundo rukomeye ibafitiye, maze igihano cyabo kigasigara kidateye ubwoba nk'uko babyibwiraga.

Satani yishimiye cyane ko yatsinze; Noneho amaze gushuka umugore ngo atiringira Imana, agashidikanya ubwenge bwayo, no kugerageza gusesengura inama zayo. Kandi yatumye Eva acumuza Adamu, inkuru z'iby'urukundo yamukundaga, bimutera gucumura itegeko ry'Imana, maze bombi baragwa.

Amakuru yo kugwa k'umuntu yamamara mu ijuru; inanga zose ziraceceka! Abamarayika bajugunya amakamba yabo bayiyambuye ku mitwe bafite agahinda. Mu ijuru hose haba umuvurungano, abamarayika bababazwa n'uko umuntu atanyuzwe n'imigisha ikomeye Imana yari yamuhaye. Inama iragibwa yo kumenya uko abo bantu bombi bari bacumuye bakwiriye kugenzwa. Abamarayika batinyaga ko bazarambura ukuboko bakarya ku giti cy'ubugingo, maze bigatuma babaho iteka mu byaha.

Uwiteka yagendereyeAdamu na Eva, abamenyesha amaherezo yo kutumvira kwabo. Bumvise ko Imana ibegereye n'icyubahiro cyayo, bagerageza kwihisha ngo itababona, nyamara mbere bishimiraga kuyisanga bataracumura bakiri intungane. "Uwiteka Imana ihamagara uwo mugabo, iramubwira iti: Uri he? Arasubiza ati : Numvise ijwi ryawe mu murima, ntinyishwa n'uko nambaye ubusa, ndihisha. Iramubaza iti: Ni nde wakubwiye ko wambaye , ubusa? Wariye kuri cya giti nakubujije kuryaho ?" Iki kibazo cyabajijwe n'Imana si uko itari izi uko byagenze, ahubwo kwari ukugira ngo yemeze abo bantu bombi bacumuye ibyaha byabo. Mbese byagenze bite ko wagize isoni n'ubwoba ? Adamu yimenyeho igicumuro si uko yari yihannye ubwo buyobe bwe bukomeye, ahubwo yagiraga ngo abihererereze ku Mana. "Umugore wampaye ngo tubane ni we wampaye ku mbuto z'icyo giti, ndazirya." Umugore na we arabazwa. "Icyo wakoze icyo n'iki ?" Eva arasubiza ati: "Inzoka yanshukashutse ndazirya."

***Umuvumo***

Maze Uwiteka abwira inzoka ati: Kuko ukoze ibyo, uri ikivume kirengeje amatungo yose n'inyamaswa zo mu ishyamba zose; uzajya ugenda ukurura inda, uzajya urya umukungugu iminsi yose y'ubugingo bwawe." Nkuko inzoka yari yararutishijwe inyamaswa zo mu ishyamba zose, ni ko none izashyirwa hasi yazo zose. No kwangwa n'umuntu, ku mpamvu z'uko ari yo Satani yari yihanzemo. "Na Adamu iramubwira iti: "Ubwo wumviye umugore wawe, ukarya ku giti nakubujije ko utazaryaho, uzaniye ubutaka kuvumwa; iminsi yose y'ubugingo bwawe, uzajya urya ibibuvamo, ugombye kubiruhira; buzajya bukumerera imikeri n'ibitovu; nawe uzajya urya imboga zo mu murima, gututubikana ko mu maso hawe ni ko kuzaguhesha umutsima, urinde ugeza ubwo uzasubira mu butaka."

Imana yavumye ubutaka ku mpamvu z'icyaha cyabo cyo kurya ku giti kimenyesha ubwenge, maze iravuga iti: "Iminsi yose y'ubugingo bwawe uzajya urya ibibuvamo, ugombye kubiruhira." Mbere yari yabahay'umugabane w'icyiza, nta kibi. Ariko noneho ihamya ko bazakiryaho, bisobanurwa ngo, bazamenya ibyo ikibi iminsi yose y'ubugingo bwabo.

Guhera icyo gihe abantu bari bakwiriye guhangayikishwa n'ibishuko bya Satani. Adamu yagenewe ubugingo bwo gukora aruha kandi ahagaritse umutima iteka aho gukora nkambere anezerewemumurimomwiza akunze. Noneho bajya guhemurwa bakagira agahinda n'umubabaro, maze amaherezo bagashiraho rwose. Bari baremwe mu mukungugu wo hasi, kandi niwo bajyaga kuzasubiramo.

Bamenyeshwa ko bakwiriye kunyagwa urugo rwabo rwo muri Edeni. Bari bamaze kwemera uburiganya bwa Satani bizeye ijambo rye, ngo Imana ni yo ibeshya da! Igicumuro cyabo cyari cyakinguriye Satani inzira yo kubagereho atarushye, kandi kuguma kwabo mu murima wa Edeni, byari akaga kuko bari kwegera igiti cy'ubugingo bakiri mu byaha, bigatuma ubugingo bw'ibyaha bubaho iteka. Basaba kuhaguma, n'ubwo bemeraga ko atari akarengane kunyagwa Edeni banezezererwagamo. Basezerana ko noneho bazajya bumvira Imana badashidikanya. Ariko bamenyeshwa ko batungutse imbaraga ahubwo ko barushijeho kugira intege nke kuko baguye, bavuye mu bugingo buboneye bakajya mu byaha. Bari babuze kuyoboka bakiri abera, bagifite kubaho kwera k'umunezero, bamaze gucumura nabi niho bajyaga kurushaho kugira intege nke rwose. Bugira umubabaro mwinshi no kwicuza gukomeye. Noneho bamenya neza ko igihano cy'icyaha ari urupfu.

Abamarayika bategekwa gufunga vuba inzira ijya ku giti cy'ubugingo, wari umugambi wa Satani yateguye ngo Adamu na Eva bacumure ku Mana, babone igitsure cyayo, bazarye ku giti cy'ubugingo, ngo bitume ubugingo bw'ibyaha buhoraho. Ariko abamarayika bera boherezwa gufunga inzira ijya ku giti cy'ubugingo. Ibishashi by'umuriro byaka impande zose bigose abo bamarayika, kandi byasaga n'inkota zirabagirana.

## 5

## Inama Imana ifitiye abantu

Agahinda kabaye kenshimu ijuru, bamaze kumenya ko umuntu yazimiye kandi ko isi Imana yari yaremye izuzuramo abantu bapfa baciriwe iteka ryo kubabara, kurwara no gupfa, kandi ko nta buryo bwo gukira k'uwacumuye. Umuryango wose w'Adamu wagombaga gupfa. NitegerezaYesu w'igikundiro, mbona mu maso ye harabagirana impuhwe n'agahinda. Bidatinze mbona yegera umucyo urabagirana cyane ugose Se. Marayika twari kumwe arambwira ati: buriya arajya inama na Se biherereye, abamarayika bari bafite amatsiko igihe Yesu yari acyihereranye na Se. Akingirizwa gatatu n'umucyo w'ubwiza bwagotaga Se maze ubwa gatatu, ava kuri Se, aragaragara. Mu maso he hari amahoro, ari nta magorwa no gushidikanya biharangwa, harabagirana ineza n'ubwiza bitavugwa.

Noneho amenyesha ingabo zo mu ijuru yuko abantu bazimiye baciriwe icyanzu cyo gukira. Ababwira ko yinginze Se akemera gutanga ubugingo bwe kubwa benshi, kugira ngo iteka ry'urupfu aryishyireho, ngo muri we abe ariho abantu babonera kubabarirwa; kandi ngo kubwo amaraso ye, no kumvira amategeko y'Imana, babashe gushimwa n'Imana bagarurwe muri wa murima mwiza, barye ku mbuto z'igiti cy'ubugingo

Mbere abamarayika ntibarakishima, kuko umuyobozi wabo atagize icyo abakinga, ahubwo yabahishuriye inama y'agakiza. Yesu ababwira ko azakingira umuntu wacumuye umujinya wa Se. Ngo ni we uzambara ubugingo bw'abantu ndetse agashinyagurirwa, kandi ngo abazamwakira nk'Umwana w'Imana ni bake. Ahubwo hafi ya bose bazamwanga, bamwihakane. Ngo azasiga ubwiza bwe bwose mu ijuru, aboneke mu isi ari umuntu. Azicisha bugufi abe umuntu, maze mu mubiri we ubwe amenye ibishuko bitari bimwe bijya bigerageza umuntu, ngo amenye neza gutabara abashukwa. Hanyuma azarangiza umurimo we wo kwigisha, ashyirwe mu maboko y'abantu,yihanganire akarengane kose n'umubabaro wose. Satani n'abamarayika be bazashobora kumuterereza abantu babi ngo bamugirire bya mfura mbi; ngo azapfa urupfu rubi kuruta izindi zose, amanikwe hagati y'ijuru n'isi nk'umunyabyaha mubi; ngo azamara umwanya munini afite umubabaro uteye ubwoba, erega ndetse n'abamarayika ntibashoboraga kuwureba, ahubwo ngo bazitwikira mu maso yabo be kuwubona. Ariko si umubabaro w'umubiri gusa azagira, ahubwo n'umubabaro wo mu buryo bw'umwuka, ndetse uwo nta n'ubwo wabasha kugereranywa n'uw'umubiri.

Uburemere bw'ibyaha by'isi yose byajyaga kuba kuri we. Abatekerereza ko azapfa, akazuka ku wa gatatu, akajya mu ijuru kuri Se, kugira ngo asabire umuntu ucumura, amurenganure.

### *Inzira imwe rukumbi y'agakiza*

Abamarayika bikubise hasi imbere yaYesu.Bemera guhara ubugingo bwabo. Yesu ababwira ko azakirisha benshi ubugingo bwe, ngo ubugingo bwa marayika ntibwashobora kwishyura umwenda. Ubugingo bwe bwonyine ni bwo bushobora kwemerwa na Se ngo bucungure umuntu. Yesu ababwira kandi yuko bazagira icyo bakora, ko bazajya babana na we bakamwongera intege mu bihe bitari bimwe; ngo aziyendere kamere y'umuntu y'icyaha, ndetse ngo imbaraga ze ntizizahwana n'izabo; ngo bazaba abagabo bo guhamya ibyo gucishwa bugufi n'imibabaro ikomeye; maze n'ubwo bazareba imibabaro ye n'urwangano abantu bamufitiye bazajya babyiyumvamo cyane babitewe n'urukundo bamukunze bashake kumukiza no kumukura mu maboko

*(Kuko Adamu na Eva bari bakoze icyaha bari bakwiriye kuva iwabo mu murima wa Edeni)*

y'abashaka kumwica nyamara ngo ntibakwiriye kuzagira icyo bakora cyo kumurengera ku cyo bazaba babonye, ahubwo bazagire ibyo bakora byerekeye ku kuzuka kwe; ngo inama y'agakiza yaranoganijwe, kandi ngo Se yarayemeye.

Yesu yahumurije abamarayika afite akababyi, maze abamenyesha yuko abo azajya arokora bazabana na we, ngo urupfu rwe ruzatuma akiza benshi arimbura ufite ububasha bw'urupfu. Kandi ngo Se azamuha ububasha no gukomera k'ubwami bwose bwo munsi y'ijuru, bukaba ubwe iteka ryose. Satani n'abanyabyaha bazarimburanwa, ngo batazongera gutera amahane mu ijuru cyangwa mu isi yagizwe nshya. Yesu yategetse ingabo zo mu ijuru ngo zemere umugambi Se yari yemeye maze zishime kuko kubwo urupfu rwe, umuntu wacumuye yashoboraga kongera kuzahurwa agashimwa n'Imana no kunezerwa mu ijuru.

Ubwo rero umunezero n'ibyishimo bitavugwa, byuzura mu ijuru. N'ingabo zo mu ijuru ziririmba indirimbo yo gushima no guhimbaza. Bacuranga inanga zabo maze barazihanika kuruta uko baririmbagambere hose, kuko imbabazi nyinshi no kwitanga gutangaje kw'Imana kuko yemeye gutanga inkoramutima yayo, ngo apfire umuryango w'abagome. Habaho guhimbaza no kuramya bitewe n'ukoYesu yiyanze, akitanga; kugira ngo yemere kuva mu gituza cya Se ahitemo ubugingo bw'umubabaro n'agahinda, apfe urupfu n'agashinyaguro ngo abone uko aha abandi ubugingo.

Marayika aravuga ati: " Mbese mutekereza ko Imana yemeye gutanga Umwana wayo ikunda bitayiruhije? Reka da, Imana yo mu ijuru ndetse byayibereye inkeke guhitamo guhara umuntu wacumuye ngo apfe nabi, cyangwa gutanga Umwana wayo ikunda ngo amupfire." Abamarayika benshi bari bitaye ku bantu, bituma babonekamo benshi bakwemera kureka ubwiza bwabo bakitangira umuntu upfa. Marayika twari kumwe aravuga ati: "Icyakora ibyo nta cyo byamara. Igicumuro cy'umuntu cyari gikomeye cyane, ubugingo bwa marayika ntibwajyaga gushobora kwishyura umwenda. Nta kindi keretse urupfu no guhuza by'Umwana wayo ni byo byashoboraga kwishyura umwenda no gukiza umuntu wazimiye bikamukuramo agahinda n'ubwihebe n'ubuhanya."

Maze abamarayika bahabwa umurimo ariwo wo kujya bazamuka bakanamanukana imbaraga bayikuye mu bwiza bagakumbuza Umwana w'Imana mu mibabaro ye bakamukorera. Kandi ng'umurimo wab'uzab'uwo kurinda no gukomeza abakijijwe ku buntu ngo batoshywa n'abamarayika babi n'umwijima Satani ahor'abagotesha. Nabonye ko bitashoboka ko Imana ihindura amategeko yayo ngo ikize umuntu wazimiye, akaba akwiye kurimbuka, ni cyo cyatumye yemera k'Umwana wayo ikunda azira ibicumuro by'umuntu.

Satani yongera kwishimana n'abamarayika be kuko yari yabashije gucumuza umuntu agatuma Umwana w'Imana ava mu mwanya we w'icyubahiro gikabije. Abwira abamarayika be yuko Yesu namara kwenda kamere y'umuntu, azaba amubonye uburyo bwo ku mugenzura maze ya nama y'agakiza ikagwabira.

Neretswe Satani nk'uko yahoze ameze, akiri marayika unezerewe uhabwa ikuzo. Hanyuma mwerekwa uko ameze ubu ngubu. Yari agifite ishusho y'Umwami. Mu maso he hari hakiri heza cyane, kuko ari marayika waguye. Ariko mu maso ye hagaragazaga guhagarika umutima, amaganya, umubabaro, igomwa, urwangano, ubukubaganyi, uburiganya n'ibindi bibi byose. Cyane cyane nitegereje rwa ruhanga rwahoze ari rwiza cyane. Uruhanga rwe rwahereye ku maso ruminukira inyuma. Nabonye ko yari yaragundiriye ibibi igihe kirekire cyane bigatuma umucyo mwiza wose uhinduka mubi, kandi ingeso mbi aho ziva zikagera zimugwiramo. Amaso ye yari ayo uburiganya no guhenda kandi ari inyaryenge cyane.

Umubiri we wari munini ariko inyama zo ku maboko no mu maso zari zatentebutse. Ubwo namurebaga, akananwa ke kari kegamiye ukuboko kwe kw'ibimoso, yigunze cyane. Yarashinyikaga bigatuma mpinda umushyitsi, kuko mu maso hari huzuye ububi n'uburiganya bwe. Iyo ajya kugira uwo afata mpiri, ashinyika atyo kandi n'igihe akimukomereje mu mutego, aramushinyikira ibi biteye ubwoba.

Bikojeje isoni kandi biteye agahinda katavugwa kugira ngo Adamu na Eva banyagwe umurima wabo w'igikundiro, uwo babagamo banezerewe kugeza igihe bacumuye itegeko ry'Imana. N'umwuka wo mu kirere cyaho warahindutse. Nta bwo hari ubushyuhe. Imana yagombye kubambika Imyambaro y'impu ngo ibarinde ubukonje n'ubushyuhe aho bagenda hose.

***Amategeko y'Imana adahinduka***

Mu ijuru hose barijijwe cyane n'uko Adamu na Eva batumviye bakagwa bakazanira amoko yose y'abantu bose umujinya w'Imana. Bari baratandukanijwe n'Imana, bashyirwa mu butindi butagira kivurira. Amategeko y'Imana ntiyajyaga guhinduka ngo byorohereze umuntu akaga ke, kuko Imana yari yabiringanije, nta bwo amategeko yajyaga kubura imbaraga cyangwa gukurwamo agace na gatoya k'ibyo yikubitiye.

Abamarayika b'Imana boherejwe gusura abo bantu bombi bari baguye ngo babamenyeshe yuko n'ubwo batagishoboye kugumana isambu yabo yera, ari yo rugo rwabo rwo muri Edeni ku mpamvu z'uko bacumuye amategeko y'Imana, ngo icyakora ntibapfuye kurekerwa aho ngo bahere burundu. Bamenyeshwa ko Umwana w'Imana wajyaga uganira nabo muri Edeni, yabagiriye impuhwe abonye ko kubaho kwabo kudafite ibyiringiro, maze yemera kwishyiraho igihano cyari kibakwiriye, aritanga ngo abantu babeho babiheshejwe no kwizera umurimo wo guhuza Kristo washakaga kubakorera. Muri Kristo noneho haboneka inzira y'ibyiringiro, ngo umuntu n'aho yaba yakoze icyaha gikomeye gute, atazaheranwa n'ubutware bwa Satani. Kwizera ibyo gukiranuka k'Umwana w'Imana guhesha umuntu ishema cyane akabona uko arwanya ibishuko bya Satani. Kugira ngo azahabwa igihe cy'imbabazi, maze muri icyo gihe, nagira ukubaho kwihana, akizwe umurimo wo guhuza w'Umwana w'Imana, akizwe urubanza rwo gucumura amategeko ya Data wa twese, noneho azahereko ashyirwe hejuru, agere ku rugero rw'aho umuhati we wo gukomeza amategeko yayo ubasha kwemerwa.

Abamarayika babatekerereza ibyo agahinda kabaye mu ijuru bamaze gutangarizwa uko abantu bacumuye amategeko y'Imana, bigatuma Kristo agomba kwitangaho igitambo gikomeye, ari cyo bugingo bwe bw'igiciro cyinshi.

Ubwo Adamu na Eva babonye ko amategeko y'Imana yubahirijwe cyane kandi yera bihebuje, kuyica bikaba byararinze gutuma igitambo cy'igiciro cyinshi cyane kigomba gutambwa ngo kibakizanye n'urubyaro rwabo be kurimbuka buheriheri; bisabira gupfa, cyangwa se ngo ahubwo barekwe bo n'urubyaro rwabo biyishyurire igihano cy'igicumuro cyabo, aho kugira ngo Umwana w'Imana ukundwa arinde kwitamba bigeze aho. Umubabaro w'Adamu urushaho kugwira. Yabonye ko ibyaha bye bikomeye koko bikaba bimubyariye ingaruka iteye ubwoba. Ese harya birakwiriye kugira ngo umuyobozi wajyaga agendana na we bakiganirira ubwo yari akiri umuziranenge, uwo abamarayika bubahaga bakamusenga, ni we ukwiriye gukurwamumwanya we w'icyubahiro akaza gupfa azize ibicumuro bye?

Adamu amenyeshwa k'ubugingo bwa marayika budashobora kwishyura umwenda we. Amategeko ya Yehova, ariyo rufatiro rw'ubutware byayo mu ijuru no mu isi, arera nk'Imana ubwayo; maze kubera izo mpamvu ubugingo bwa marayika ntibwajyaga gushobora kwemerwa n'Imana ngo bube igitambo cyo kwishyura gucumura amategeko yayo. Kuri we, amategeko aruta cyane abamarayika bera bagose intebe yayo. Data wa twese ntiyashobora gukuraho cyangwa guhindura itegeko rimwe ryo mu mategeko ngo bigire icyo bimarira umuntu wacumuye. Ariko Umwana we wifatanije na Se kurema umuntu, yashobora gutanga igitambo Imana yemera guhuza umuntu nayo, ariko kwitanga ubwe ho igitambo akishyiraho umujinya w'Imana. Abamarayika bamenyesha Adamu ko, nk'uko igicumuro cye cyazanye urupfu n'ubutindi ni ko rero n'ubugingo no kubahwa iteka bizatunganywa n'igitambo cya Yesu Kristo.

### *Kwerekanwa kw'ibihe bizaza*

Adamu yeretswe ibizaza bikomeye, uhereye igihe aciwe mu murima wa Edeni kugeza mu gihe cy'umwuzure, ndetse gukomeza kugeza mu gihe cyo kuza kwa mbere kwa Kristo mu isi; urukundo yari afitiye Adamu n'urubyaro rwe rwajyaga gutuma uwo Mwana w'Imana ajya hasi, akenda kamere y'umuntu, kwicisha bugufi kwe kuzatuma azahura abazamwizera bose. Bene icyo gitambo ni cyo cyari gihagije gukiza abo mu isi bose; ariko ni bakeya gusa bajyaga kwakira agakiza baheshejwe n'igitambo gitangaje gityo. Abenshi ntibakwemera gukora ibibabaza ngo bakire agakiza ke gakomeye. Bakunda gukora ibyaha nogucumura itegeko ry'Imana nk'aho bakwihannye bakumvira bagakundira kwizera kuzanwa no gukiranuka ku bwa cya gitambo cyatanzwe. Icyo

gitambo cyari gifite igiciro kitagira ingano rwose, kugira ngo ucyakira abe ingume kurusha izahabu nziza, ndetse umuntu akazaba ingume kurusha izahabu nziza ya Ofiri.

Adamu yeretswe imiryango izakurikirana, abona uburyo ubugome buzagwira, ibicumuro no kwandura, kuko umuntu azajya akurikiza imyifurize ikomeye ya kamere yo gucumura mategeko yera y'Imana. Yeretswe ko umuvumo w'Imana uzarushaho kugwira ukaremerera abantu, n'inka, n'isi, ku mpamvu z'uko umuntu akomeza gucumura. Yerekwa ko ibibi n'urugomo bizakomeza kugwira; ariko ngo nubwo ubutindi n'agahinda bizaba bigwiriye, ntihazabura kubaho bake bamenye Imana bakayinambaho ndetse bagasigara badafite intege, nubwo ingeso z'abandi bo zizaba zononekaye. Adamu yumvishwa ibyaha ibyo ari byo ko ari ukwica amategeko. Yerekwa ko gusigingira kw’abantu mu by'Umwuka, mu by'ubwenge no mu by'umubiri bizaba amaherezo y'ubwoko bw'abantu bitewe no gucumura, kugeza aho isi izuzuriramo ubuhamya bw'uburyo bwose.

Imyaka y'umuntu yaratubijwe bitewe n'imigenzereze yo kwica amategeko akiranuka y'Imana. Imiryango y'abantu yahereyeko ibitakigira akamaro cyane, basa n'abatagira agaciro, batagira icyo bamaze rwose. Abenshi ntibashoboraga gushima ubwiru bw'ibyabereye i Kaluvari, ari byo by'ukuri, byubahirijwe ari byo guhuza Imana n'abantu, kandi ari na byo nama y'agakiza, insiriri ibaye kwinezeza k'ubwenge bw'abantu. Ariko rero, n'ubwo umuryango w'abantu wagira intege nke, n'ubwenge bw'umwuka n'imbaraga z'umubiri bigaragara, Kristo yari agikomeje imigambi yatumye ava mu ijuru, akanababarira abanyantege nke, batagira agaciro kandi ko bahenebereye cyane, akanabararikira gushyira intege nke zabo mu we. Baramutse bamusanze yabakenura ibyo bakennye byose.

### ***Ituro ry'igitambo***

Igihe Adamu akurikije iby'Imana yamubwirije, agatamba igitambo ari cyo mpongano y'ibyaha, byamubereye umuhango ubabaje cyane. Yagombye kuramburira ukuboko kwe gukuraho ubugingo bushobora gutangwa n'Imana yonyine, atanga impongano y'ibyaha. Bwari bwo bwambere abona igipfa. Ubwo yarebaga igitambo kiva amaraso gisambagurika, cyendaga guca, yarakwiriye guhanga amaso Umwana w'Imana yizeye, kuko ari we gitambo cyashushanywaga, kandi ni we wajyaga kuzitambira abantu.

Uyu muhango wo gutamba washyizweho n'Imana, wari ukwiriye guhora wibutsa Adamu ko yacumuye bikanagaragaza ko yihannye icyaha cye. Uwo mugenzo wo kwica ubugingo wumvishijeAdamu cyane igicumuro cye, kandi nta kindi cyajyaga gushobora kugikuraho keretse urupfu rw'Umwana w'Imana ikunda. Yatangariye cyane ineza n'urukundo bitagira akagero byatumye itanga igitambo kitagira akagero ku bwa benshi bacumuye ngo kibakize. UbwoAdamu yasogotaga igitambo kitagira inenge, byamubereye nk'aho asheshej'amaraso y'Umwana w'Imana ukuboko kwe. Yamenye yuko iyo anamba ku Mana no gukiranuka ku mategeko yayo yera, nta rupfu rw'itungo cyangwa rw'umuntu rwajyaga kubaho.Ariko amaturo y'ibitambo, yashushanyaga igikomeye kitagira inenge ari cyo cy'Umwana w'Imana ikunda, yagaragariragamo inyenyeri y'ibyiringiro itamurura umwijima w'ibyajyaga kubaho bikiri mu ibanga kandi biteye ubwoba, maze iborohereza ubwihebe bwo kuzarimbuka.

Mbere hose umukuru w'abo inzu ni we wabaga ari umutware n'umutambyi mu rugo rwe. Hanyuma aho abantu bagwiriye ku isi, Imana ishyiraho abanyamuhango bo gutambira abantu. Amaraso y'igitambwa bari bakwiriye kuyahwanya n'amaraso y'Umwana w'Imana, n'abanyabyaha bakabyumvishwa batyo mu bwenge bwaho. Gupfa kw'igitambo kwari gukwiriye guhamiriza bose ko igihano cy'icyaha ari urupfu. Uwo munezero wo gutamba igitambo watumaga umunyabyaha yimenyaho icyaha, akawugaragarizamo kwizera kwe bikaba bimusuriye cya gitambo gikomeye kitagira inenge cy'Umwana w'Imana, ntamugisha cyangwa agakiza bajyaga kuva ku Mana ngo bigere kuBantu. Imana yagize ifuhe ishaka kubahiriza amategeko yayo. Kwica ayo mategeko kwatumye habaho gutandukana guteye ubwoba hagati y'Imana, n'abantu barebana, yifitiye umudendezo, anezerewe. Amaze gucumura Imana ikajya ivuganira na we muri Kristo n'abamarayika.

# 6

## Igitambo cya mbere

Kayini n'Abeli bene Adamu ntibari bahwanyije ingeso. Abeli yubahaga Imana, Kayini yakundaga kwitekerereza ibyo ubugome, akivovotera Imana bitewe na wa muvumo Adamu yavumwe kandi bitewe n'uko ubutaka na bwo bwari bwaravumwe kubwo icyaha cye. Abo bavandimwe bari barigishijwe ibyo amendezo ahesha Bantu agakiza. Byari ngombwa gukomeza kumvira bicishije bugufi bakerekana icyubahiro, bubashye Imana bakagira kwizera bakanisunga Umukiza basezeranijwe, babigaragarishije gusogota imfura z'umukumbi bakaziturana Imana n'amaraso bayubashye kuba igitambo cyokejwe. Icyo gitambo cyabateraga guhora bibuka icyaha cyabo n'Umukiza uzaza, ngo ni we uzabera abantu igitambo gikomeye.

Kayini yazaniye Uwiteka ituro rye yinuba kandi yangirira mu mutima iby'igitambo bari barasezeranijwe. Ntiyashatse rwose gukurikiza inama y'ubuyoboke yo gushaka umwana w'intama ngo awuturane n'imbuto z'ubutaka. Yapfuye kwenda ku mbuto z'ubutaka maze ahinyura iby'Imana yamutegetse. Imana yari yaramenyesheje Adamu yuko iyo kuvusha amaraso kutabayeho, bidashoboka kubabarirwa ibyaha. Kayini ntiyarushya abyitaho ngo azane imbuto nziza, ziruta izindi. Abeli yagiriye mukuru w'inama ngo ye kwirirwa aza imbere y'Uwiteka adafite amaraso y'igitambo. Kayini, yanze kumvira murumuna we kuko amuruta. Yasuzuguye inama yamugiriye, kandi ashidikanya yitotombera igituma ari ngombwa kuzana amaturo y'uwo muhango, aherako amurikira Imana ituro rye. Ariko Imana ntiyarishima.

Abeli yazanye ku buriza w'umukumbi we no ku rugimbu, nk'uko Imana yari yategetse; kandi yari yizeye ko Mesiya azaza aherako atangana ituro rye icyubahiro. Imana ishima ituro rye. Umuriro uturutse mu ijuru, ukongora igitambo cya Abeli. Kayini ntabwo yabonye ikimugaragariza ko yemewe. Arakarira Uwiteka na murumuna we. Imana ntiyarekera iyo, ahubwo imutumaho marayika ngo avugane na we.

Marayika amubaza icyatumye arakara, amubwira yuko iyo akora neza agakurikiza ibyo Imana yamutegetse, igitambo cye cyajyaga kwemerwa; Ariko kuko atagenje nk'uko Imana yamubwirije yicishije ngo bugufi, ayizera ntiyabasha kwemera ituro rye. Marayika abwira Kayini yuko Imana itamurenganije, kandi ko itarobanuye Abeli ku butoni, ahubwo ngo byatewe n'icyaha cye ubwe no kutumvira itegeko rigaragara ry'Imana, ngo iyo akora neza aba yaremewe n'Imana kandi murumuna we yajyaga kumwumvira, akaba ari we ubayobora kuko ariwe mukuru.

Nubwo ndetse yari amaze kwigishwa neza atyo abisobanuriwe byose, Kayini ntiyaruhije yihana. Aho kwihwitura no kwigaya kubwo kutizera kwe, agumya kwivovota ngo Imana ica urwa kibera, ikarobanura ku butoni. Ishyari n'urwango bimutera kujya impaka n'Abeli aramukangura. Abeli agaragariza mukuru we ifuti rye, mu bugwaneza amwereka ko ibibi ari we byaturutseho. Ariko Kayini yahereyeko yanga murumuna we guhera uwo mwanya Imana imugaragariza ibimenyetso by'uko imwemeye. Murumuna we, Abeli yagerageje kumwurura amubwira ko Imana yagiriye ababyeyi be imbabazi, akababakiza urupfu rwajyaga kubagwa gitumo. Abwira Kayini yuko Imana imukunda, ngo iyo itamukunda ntiba yaratanze umwana wayo utacumuye w'umuziranenge ngo aturwe umujinya umuntu yari akwiriye kugirirwa kubwo ubugome bwe.

*Urupfu rwa Abeli umuhungu muto w'Adamu na Eva rwabateye agahinda gakomeye mu mutima.*

### *Intangiriro z'urupfu*

Ubwo Abeli we yahamyaga uko inama y'Imana ari indahinyuka, Kayini yarajiginywaga maze uburakari bwe bugwiriye bwibasira Abeli kugeza aho bushirwa bumukongoye buramukukana. Imana yabajije Kayini ibya murumuna we, maze Kayini avuga ikinyoma kandi yiyiziho icyaha ati : Ntabizi se ? Ndi umurinzi wa murumuna wanjye? Imana imenyesha Kayini yuko yamenya ibyerekeye ku cyaha cye byose ngo izi neza ibyo yakoze ibyo yakoze byose ndetse ikamenya n'ibitekerezo byo mu mutima we, ni ko kumubwira iti, " Ijwi ry'amaraso ya murumuna wawe rirantakira ku butaka. Noneho uri ikivume, ubutaka bwanga, bwasamiye akanwa kabwo kwakira amaraso ya murumuna wawe, ukuboko kwawe kwavushije. N'uhinga ubutaka, uhereye none ntibuzakwerera umwero wabwo; uzaba igicamuke n'inzererezi mu isi.

Umuvumo wo ku butaka mbere ntiwari wabukojeje cyane, ariko noneho, umuvumo ubukoza inshuro ebyiri. Kayini n'abeli bagereranya abantu b'amoko abiri bazajya bagirira ishyari abakiranutsi babaziza kubarusha gutungana. Bazajya bagirira ishyari abakiranutsi babarenganye, babice kuko ukuboko kwabo ko gukiranuka guciraho iteka imirimo yabo y'ibyaha.

Imibereho y'Adamu yari iyo intimba, guhora yibombaritse no kwihana guhozaho. Ubwo yajyaga yigisha abana be n'abuzukuru be kubaha Uwiteka.

Kenshi yajyaga acyurirwa igicumuro cye cyatumye urubyaro rwe rwokamwa n'ubutindi bwinshi bungana butyo. Igihe avuye muri Edeni heza cyane, ibitekerezo by'uko akwiriye gupfa byamuteye ubwoba bwinshi cyane. Umwaduko w'urupfu uteye ubwoba atangira kuwubona mu muryango w'abantu, yawumenye igihe umwana we ubwe yishe mwene se Abeli. Yagize agahinda cyane gatewe n'igicumuro cye bwite. Kandi kubura umuhungu weAbeli, akagumana Kayini ari we wamwishe, hamwe n'umuvumo Imana yamuvumye bimushengura umutima; bimutera intimba. Amererwa nabi cyane, cya gicumuro cye cya mbere gikomeye cyane kimutera kuzinukwa. Aherako asaba Imana kumubabarira. Yiyumvisemo rwose umujinya w'Imana wamujemo ukuruwe na cya cyaha cye cyakorewe muri Paradizo. Yabaye umugabo wo guhamya iby'abantu bose bihaye gukora ibyaha hanyuma bigatuma Imana irimbuza abatuye mu isi yose umwuzure. Umuremyi yamuciriyeho iteka ryo gupfa, ubwa mbere ryamuteye ubwoba cyane, ariko nyuma amaze imyaka myinshi, yumva ko Imana ikiranuka ikagira imbabazi yatumye imibereho y'ubuhanya igira iherezo.

UkoAdamu yarebaga ibimenyetso bya mbere by'uko ibyaremwe bisaza abibonye ku kibabi cyose gihunguka no ku burabyo bwose buraba, yabiririye afite agahinda rwose karuta ako abantu b'iki gihe bagira hari abo bapfushije. Kureba uburabyo si byo byamuterega agahinda cyane, kuko bwo bworoshye budakomeye; ariko kugira ngo ibiti bikomeye byiza birebire birinde kuragarika ibibi byabyo, bibore, ni byo byamweretse neza cyane uko ibyaremwe byiza byahenebereye byose kandi ari iby'Imana yari yaremye ibigeneye gufasha umuntu. Yajyaga asobanurira abana be n'abuzukuru be, kugeza ku gihe cyabo cya cyenda, ibitunganye byari muri Edeni byose, kandi n'ibyo kugwa kwe n'amaherezo ateye ubwoba y'icyaha cye, n'uburyo aremerewe n'agahinda kubera urwangano rwabaye mu rugo rwe rwazanye urupfu rwa Abeli. Abatekerereza kandi kubabazwa kose Imana yamuteje ngo imwigishe uburyo ari ngombwa kumvira rwose amategeko yako. Abihanangiriza kandi ababwira ko ubonetse ho ibyaha by'uburyo ubwo aribwo bwose abihanirwa. Ahera ko abahendahendera kujya bumvira Imana kuko na Yo izajya ibagirira imbabazi ni bayikunda bakanayubaha.

Adamu amaze gucumura, abamarayika bakomeje kumugenderera, kumumenyesha iby'inama y'agakiza, kandi bakanamuhamiriza ko abantu batarenze urugero rwo gukizwa. Ni koko hari hamaze kuba itandukaniro riteye ubwoba hagati y'Imana n'abantu, ariko rero Imana yari yararinganije inama yo gutanga Umwana wayo ikunda kugira ngo umuntu abone gukizwa. Ariko icyo bari bagamije gusa kwari ukugira ukubaho kwihana bicishije bugufi ndetse bakizera rwose inama yabaringanirijwe. Abemeraga Kristo bose ko ari we Mukiza wabo, bari kongera guhuzwa n'Imana kubwo imirimo yo gukiranuka ya Yesu.

# 7

## Abantu babiri b'abakiranutsi

Seti yari umukiranutsi, kandi yari yagenewe gusubira mu cyimbo cya Abeli mu byo gukora neza. Ariko rero yari umwana w'Adamu nka Kayini w'umunyabyaha, kandi ntabwo yarushije Kayini kuragwa naAdamu ingeso nziza za kamere. Seti na we yavukiye mu byaha, ariko kubwo ubuntu bw'Imana, yemeraga ibyigisho by'ingirakamaro bya Se Adamu, maze agashimisha Imana, akora ibyo ishaka. Yitandukanije n'abakomotse kuri Kayini bakiranirwaga , akora umurimo Abeli yajyaga gukora iyo akomeza kubaho, ariwo guhindura imitima y'abanyabyaha ngo bubahe Imana bayumvire.

Enoki yari umuntu wera. Yakoreye Imana afite umutima ugambiriye kimwe gusa. Amaze kubona uko ububi n'ibyaha bigwiriye mu bantu, aherako yitandukanya n'abakomoka kuri Kayini, ndetse abagayira ububi bwabo bwinshi. Mu isi hariho bamwe bemeraga Imana, bakayubaha bakayisenga. Ariko umukiranutsi yababajwe cyane n'ububi bw'abanyabyaha bwahoraga bugwira, bituma yihunza kubana na bo iminsi yose, kuko yatinyaga ko yakwanduzwa no kutumvira kwabo, kandi bikaba byamubera impamvu yo kureka kuramya Uwiteka mu bitekerezo bye no kumwubaha nk'uko bikwiriye Usumbabyose. Yajyaga arakazwa mu mutima we no guhora areba uburyo bakandagiraga ubutware bw'Imana iminsi yose. Ahitamo rero kutabana nabo, maze amara igihe kinini yiherereye, atekereza mu mutima we asabana n'Imana. Yategerezaga Uwiteka, amusaba ngo arusheho kumenya ibyo ishaka, kugira ngo abikurikize. Imana na yo ikavuganira na Enoki mu kanwa k'abamarayika bayo bakamwigisha ibyo ibabwirije. Imumenyesha ko itazihanganira iteka umuntu wagomye, ahubwo ko yagambiriye kurimbuza ubwoko bw'abanyabyaha umwuzure w'amazi yajyaga kuzana mu isi.

Umurima wo mu Edeni mwiza cyane utanduye, ababyeyi bacu ba mbere bamaze kuwunyagwa, wagumyeho kugeza igihe Uwiteka yagambiriye kurimbuza isi umwuzure. Uwiteka ni we wari washizeho umurima awuha umugisha mwinshi, kandi kubwo imigambi yayo itangaje yawukuye mu isi, ariko izongera kuwugarura mu isi urimbishijwe cyane ndetse kurusha uko wari umeze utarakurwamo. Uwiteka yagambiriye kugira icyitegererezo azigama cyerekana umurimo we wo kurema wari utunganye rwose, umuvumo Imana yavumye isi utarayigeraho.

Uwiteka yahishuriye Enoki inama y'agakiza kurutaho, kandi yamwerekeye mu mwuka w'ubuhanuzi abantu bazabaho hanyuma y'umwuzure, amwereka ibimenyetso bizaba hanyuma yo kugaruka kwa Kristo n'imperuka y'isi (Yuda 14).

Enoki yajyaga ahagarikwa umutima n'uko abapfuye bamera. Yibwiraga ko abakiranutsi n'abakiranirwa bose bajya mu mukungugu, iryo rikaba ribaye iherezo ryabo. Ntabwo yagaragarijwe neza uko abakiranutsi bamera bamaze gupfa. Mu iyerekwa ry'ubuhanuzi yigishijwe iby'Umwana w'Imana, wari ukwiriye gupfira abantu, agombye kubitambira, yerekwa ibyo kuza kwa Kristo mu bicu byo mu ijuru, ashagawe n'ingabo z'abamarayika kugira ngo azure abakiranutsi bapfuye ngo abakure mu bituro byabo. Yabonye kandi uburyo isi izaba yarahindanye igihe Kristo azagaruka ubwa kabiri yuko hazaba hariho ubwoko bwirarira, busuzugura, bwigize ibyigenge, bwagomeye amategeko y'Imana kandi bugahakana Uwiteka Imana n'Umwami wacu Yesu Kristo, kandi bukaribata amaraso ye, bugahinyura igitambo cyatambwe ari cyo gihuza abantu n'Imana. Yabonye uburyo abakiranutsi bazambikwa amakamba y'ubwiza n'icyubahiro, ariko abakiranirwa bo bagahêzwa imbere y'Uwiteka; bagakongorwa n'umuriro.

Enoki yabwiraga abantu iby'Imana yamuhishuriye mu mwuka w'ubuhanuzi, nta cyo yabahishe. Bamwe bizeye amagambo ye barahindukira, bareka ibibi byabo bubaha Uwiteka baramusenga.

***Enoki azamurwa mu ijuru***

Enoki yakomeje gukuza amajyambere mu by'ijuru asabana n'Imana. Mu maso he harabagiranaga umucyo w'ibyera ari na wo wajyaga ukomeza kuba ma maso he igihe yabaga yigisha abemeye kumva amagambo ye y'ubwenge. Ishusho ye yagaragazaga ibyo mu ijuru n'ibyo kubahwa bigatangaza abantu. Imana yakundaga Enoki kuko yayinambyeho adashidikanya, akanga ibyaha urunuka, kandi akihatira gushakashaka ubwenge buturutse mu ijuru kugira ngo arusheho gutungana rwose akora ibyo ishaka. Enoki yifuje cyane kurushaho kwisunga Imana, kuko yayitinyaga, akayubaha akanayiramya. Imana ntiyakundiye Enoki ko apfa nka rubanda rwose, ahubwo yoherereje abamarayika bayo bamujyana mu ijuru ataruhije apfa. Enoki yajyanywe mu ijuru abakiranutsi n'abakiranirwa babireba, bibwiraga yuko Imana yagize aho imusiga nk'aho yajyaga ayisengera, ariko bamaze kumushakana umwete hose, batamubonye, bavuga impuha ko atakiriho, ko Imana yamujyanye.

Kujyana mu ijuru Enoki, wakomotse kuri Adamu wacumuye, Uwiteka ahatwigishiriza icyigisho cy'ingenzi cyane, kuko bitwereka ko abishingikiriza ku kwizera cya gitambo cyasezeranijwe bakumvira amategeko yayo bakiranutse, abo bose

bazagororerwa. Na none hano tuhabona abantu b'amahara kubiri bajyaga kugumaho kugeza igihe Yesu azagaruka, abakiranutsi n'abanyabyaha, abagome n'abayoboke. Uwiteka azibuka abakiranutsi bamwubaha. Azabitaho abaheshe icyubahiro n'ubugingo budashira igirira Umwana wayo ikunda. Ariko abanyabyaha bagandira ubutegetsi bwayo, izabaca mu gihugu ibatsembe rwose, kandi bazaba nk'aho batigeze kubaho.

Adamu amaze kugwa, avuye muri kamere y'umunezero utagira akagero ageze ku kaga k'ubutindi n'ibyaha yari mu kaga gatuma umuntu acogora akageza aho abaza ati: "Byatumariye iki ubwo twitonderaga amategeko yayo, tukagendera imbere y'Uwiteka Nyiringabo twambaye ibyo kwirabura?" (Malaki 3:14) Erega kuko umuvumo uremereye wokamye abantu bose. Urupfu ntawe rutakobwa wo muri twe? Ariko iby'Imana yigishije Adamu, ari na byo Seti yasubiye kuvuga, bikanagaragarizwa abantu mu cyitegererezo cy'imibereho ya Enoki, ni byo byatumye umwijima n'umubabaro bizanira umuntu ibyiringiro by'uko urupfu rwaje kubwa Adamu, abe ari ko ubugingo no kudapfa bizanwa na Yesu, Umukiza wasezeranijwe.

Enoki witandukanije n'ab'isi, akamara igihe kirekire asenga asabana n'Imana, agereranya abayoboke b'Imana bo mu minsi y'imperuka, bazaba bitandukanyije n'ab'isi. Gukiranuka kuzaba kugwiriye cyane, ndetse biteye ubwoba mu isi. Abantu bazitangira gukora ikizira cyose cy'imitima yabo mibi no gukurikiza imyigishirize yabo y'ubuhenzi no kugomera ubutware bw'Imana yo mu ijuru.

Abantu b'Imana bazitandukanya n'imigenzo mibi y'ababakikije, ahubwo bahirimbanire gutekereza ibiboneye, bumvira rwose iby'Imana ishaka kugeza aho ishusho y'Imana izabonekera muri bo, bitegure kuzamurwa mu ijuru nka Enoki ubwo bazaba bagerageza kwigisha no kuburira ab'isi, bazanga guhwana n'abatizera mu ngeso zabo, n'imigenzo yabo, ahubwo icyitegererezo cy'imibereho yabo ya kera, ikiranutse, izabashinja. Kuzamurwa kwa Enoki ajyanwa mu ijuru igihe isi yendaga kurimbuzwa umwuzure, gushushanya abakiranutsi bazima bazavanwa mu isi itararimbuzwa umuriro. Abera bazaherwa ibyiza mu maso y'abahoze babanga babaziza ko bayoboka Imana bakumvira amategeko yayo yo gukiranuka.

# 8

# Kurimbuka kw'ibibi

Abakomotse kuri Seti bitwaga abana b'Imana, abakomotse kuri Kayini bakitwa abana b'abantu. Nk'uko abana b'Imana bivanze n'abana b'abantu, babaye babi maze kubwo gushyingiranwa, abagore babo batuma bareka ya kamere yabo yitaruye yera, maze bifatanya n'abana ba Kayini mu byo gusenga ibigirwamana. Benshi baretse kubaha Imana baribata amategeko yayo, Ariko hariho bakeya bakoraga ibyo gukiranuka, bagatinya Umuremyi wabo, bakamwubaha. Nowa n'abo inzu babarwaga mu bakiranitsi bake.

Ibibi by'abantu bimaze kuba byinshi cyane, kandi bagwiriye cyane, ku buryo bukabije, Imana iherako yicuza impamvu yaremye umuntu mu isi, kuko yabonye ko ibibi by'umuntu byabaye byinshi, kandi ahora atekereza mu mutima ikibi gusa.

Imyaka isaga ijana mbere y'umwuzure, Uwiteka atuma marayika Kuri Nowa umukiranutsi ngo imumenyeshe ko itazakomeza kugirira imbabazi abayo bantu babi bononekaye. Ntiyashatse guhisha abantu imigambi yayo. Yashakaga kubyigisha Nowa no kumugira umubwiriza butumwa ukiranuka ngo aburire abo mu isi ibyo kurimbuka kwayo kwendaga gusohora, kugira ngo abatuye mu isi bazasigare badafite ibyo kwireguza. Nowa yari akwiriye kubwiriza abantu, kandi akabaza inkuge nk'uko Imana yajyaga kumubwira kugira ngo abone uko yikizanya n'abo mu nzu ye. Ntiyarakwiriye kubwiriza gusa, ahubwo icyitegererezo yatanze cyo kubaka inkuge cyari gikwiriye kwemeza bose ko yizeye ibyo yabwirizaga.

Nowa n'abo inzu ye si bo bonyine bubahaga Uwiteka bakamwumvira. Ariko Nowa ni we warushije abandi bo mu isi bose kubaha Uwiteka no kuba uwera, kandi nawe Imana yakoresheje mu gusohoza imigambi yayo yo kubaka inkuge no kuburira abo mu isi ibyo kurimbuka kwajyaga kuza. Metusera, sekuru wa Nowa, yaramye ageze mu mwaka umwuzure wabereyemo, kandi hariho n'abandi bizeraga, Nowa yarabwirizaga bakamufasha kubaka inkuge, ariko bapfa umwuzure w'amazi utaraza mu isi. Nowa yaciriye iteka abo mu isi kubwo kubwiriza kwe n'icyitegererezo yatanze cyo kubaka inkuge.

Ababishakaga bose Imana yabahaye uburyo bwo kwihana no kuyihindukirira.Ariko ntibizeye kubwiriza kwa Nowa. Ahubwo bakobaga imiburo ye,bakamuseka kuko yubakaga inkuge nini cyane imusozi.

Nubwo yashebetse cyane, nta bwo yabashije guhindura bagenzi be. Ariko imyaka isaga ijana Nowa yakomeje kwihangana. Akora uko ashoboye ngo ahindure abantu; bihane; bemere Uwiteka. Umusumari wose yateraga mu nkuge kwari ukubwiriza abantu bakamureba nk'umuhango bamuhindura umusazi.

### *Kubaka inkuge*

Imana yahaye Nowa ingero zishyitse z'inkuge, imwereka yitonze, uburyo bwo kuyubaka ndetse n' utuntu dutoya rwose. Mu buryo bwinshi ntiyakozwe nk'ubwato ahubwo yaringanijwe nk'inzu ifite urufatiro nk'urwo ubwato buzareremba hejuru y'amazi. Nta madirishya yari mu mbavu z'inkuge, Igihagararo cyayo cyari amazu atatu agerekeranyije mu rubavu rw'inkuge. Ibyumba bitoya bitari byagenewe inyamaswa zitari zimwe, byubatswe mu nkuge kugira ngo idirishya ryo hejuru rihitishe umucyo mu mazu yose.

*Igihe Nowa yubakaga inkuge yahamagaraga*
*n'abaturanyi be ngo bihane*

Inkuge Igihe Nowa yubakaga inkuge yahamagaraga n'abaturanyi be ngo bihane yabajwe mu giti cyitwa goferu, kandi izo mbaho zajyaga kumara imyaka amagana menshi zitarabora. Iyo nkuge yagombaga kurama cyane. Ubwenge bw'abantu si bwo bwayihimbye. Imana ubwayo nayo yashushanije ingero zayo, Nowa aba umubaji wayo mukuru.

Nubwo Nowa yari amaze gukora ibyo ashoboye byose byatuma umurimo we utungana rwose, iyo nkuge yari itarashobora na gato kurinda umugaru w'inkazi Imana yendaga kuzana mu isi bitewe n'uburakari bwayo bwotsa. Umurimo wo kurangiza kubaka inkuge waratinze cyane, urubaho rumwe rwagombaga gukwirwamo neza cyane, kandi yagombaga guhomesha umwenge wose amakakama. Ibyo abantu bashoboraga gukora byose barabikoze, ngo batunganye uwo murimo; ariko Imana yonyine ni yo yashoboraga kurinda iyo nkuge hejuru y'amazi yuzuyemo imiraba isuma ku bwo imbaraga zayo zitangaje.

Hariho abantu benshi babanje gusa nk'aho bamenye imirimo ya Nowa, ariko nta bwo bahindukiriye Imana rwose ngo bihane by'ukuri. Bahawe igihe mbere, umwuzure utaraza: bagombaga kwitegura igihe cy'imbabazi, kugira ngo basuzumwe, bageragezwe. Bananiwe kwihanganira uko kugeragezwa. Uko kononekara kwabaye gikwira kwarabatsinze, baherako bakora agashungo hamwe n'abandi, bari basanzwe ari babi bagashinyagurira Nowa w'umukiranutsi.

Banze kureka ibyaha byabo, ahubwo bakomeza kwishakira abagore benshi no gusohoza kwifuza kwabo kubi.

Igihe cy'imbabazi cyabo cyegereje kurangira, abatuye mu isi batizera bashakaga kubona ikimenyetso cy'Imana kibereka ububasha bw'Ubumana bwayo. Nowa yari yarabaye umunyamurava mu byo gukurikiza iby'Imana yamubwiye byose by'uburyo bwo kubaza inkuge. Inkuge noneho yari irangiye neza rwose nk'uko Imana yabivuze; Yari amaze guhunika ibyo kurya bitagira ingano byo kugaburira abantu n'inyamaswa. Ibyo byose bimaze kurangira, Imana itegeka Nowa w'umukiranutsi iti : "Injira mu nkuge n'abo mu nzu yawe mwese; kuko ari wowe nabonye ukiranuka mu maso yanjye."

### *Inyamaswa zinjira mu nkuge*

Abamarayika batumwa guteraniriza hamwe inyamaswa Imana yaremye, bazivana mu mashyamba no kumisozi hose; Abamarayika ni bo bagiye imbere y'izo nyamaswa, na zo zirabakurikira ebyiri ebyiri, ingabo n'ingore, n'inyamaswa zitazira zikaza indwi indwi. Izo nyamaswa guhera ku y'inkazi cyane, kugeza ku igwa neza kuruta izindi zose, zinjira amahoro mu nkuge zitonze. Ikirere cyari cyuzuyemo inyoni n'ibisiga by'ubwoko bwose kugeza aho byari bimeze nk'ibicu; byaje biguruka bisanga inkuge, bibiri, bibiri, ikigabo n'ikigore n'ibidahumanye birindwi, birindwi. Abo mu isi babirebaga, barumiwe bamwe bagira ubwoba, ariko kuko ubugome bwabo bwari bwamaze kunangira imitima yabo, bituma iki kimenyetso gitangaje cy'imbaraga y'Imana kitagira icyo kibamarira keretse umwana muto cyane. Izo nyamaswa zamaze iminsi irindwi ziza mu nkuge, maze akaziringaniriza aho zikwiriye kuba mu mwanya zaringanirijwe. Maze ubwo abo bantu bose baciriwe urubanza rwo gupfa babonye izuba rirasa mu bwiza bwaryo, n'isi irimbishwa n'ubwiza bwendaga gusa n'ubwo mu Edeni, ibitekerezo byabo byo gutinya babimarisha ibirori, bitera hejuru, kandi kubwo imirimo yabo y'urugomo byasaga nk'aho bashaka kwigabiza igihano cy'umujinya w'Imana usanzwe warabyutse.

Byose bimaze kwitegurwa hasigaye gukinga urugi rw'inkuge, ubwo Nowa we yari mu nkuge imbere ntiyajyaga kubasha kurukinga. Iteraniro ry'abakobanyi ribona marayika amanuka ava mu ijuru yambaye kurabagirana nk'umucyo. Akinga rwa rugi rw'inyuma ruremereye, maze abona kuzamuka asubira mu ijuru.

Nowa n'abo inzu ye bamaze iminsi irindwi mu nkuge imvura itararushya itangira kugwa ku isi. Muri icyo cyumweru cyose biringanirizaga aho bazaba mu nkuge igihe kirekire ubwo amazi y'umwuzure azaba atwikiriye ubutaka. Kandi iyo minsi irindwi yabaye ibirori by'inteko y'abatizera basebya Imana. Kuko ubuhanuzi bwa Nowa butahereyeko busohora amaze kwinjira mu nkuge, abo bantu bibwiraga yuko yashutswe kandi yuko bitashoboka ku isi irimbuzwa umwuzure. Mbere y'icyo gihe nta mvura yigeze kugwa mu isi. Ahubwo igihu cyajyaga kizamuka hejuru y'amazi, maze kikagwa hasi kimeze nk'ikime, bigatuma ibimera ku isi bituma ahubwo bigatohagira.

Nubwo babonye ibyabaye biteye ubwoba, bikaba byaragaragazaga imbaraga y'Imana - uburyo butangaza inyamaswa zavuye mu mashyamba no mu mirima, zikajya mu nkuge, no kubona marayika w'Uwiteka wambaye ubwiza n'icyubahiro biteye ubwoba amanuka ava mu ijuru aje gukinga urugi; bakarenga kuri ibyo byose bakinangira imitima, bagakomeza kwibyinira no kunegura ibimenyetso bitangaje by'Imana.

### ***Umugaru uratera***

Ariko ku munsi wa munani ijuru rihinduka umwijima. Inkuba zirahinda n'imirabyo irabiriza imihanda yose bitera ubwoba abantu n'inyamaswa. Imvura ishoka iva hejuru yabo. Nta bwo bari barigeze kubona imvura batangira kugira ubwoba bakuka imitima. Inyamaswa n'amatungo bizerera hose bitewe n'ubwoba bwinshi , bumvaga biniha iminiho itari imwe, bikanihishwa n'ibyajyaga kubaho n'amaherezo y'abantu ayo ari yo. Umugaru urushaho gushega kugezaho amezi yagwiriye ava mu ijuru amaze nk'imigezi isuma cyane. Amazi y'imigezi arenga inkombe zayo, atembera mu bikombe. Imfatiro z'inyanja nazo ziramenagurika. Amasoko y'amazi yatobotse ava mu butaka ajyanwa hejuru n'imbaraga itabona uko ivugwa, ayo maze ajugunya ibitare binini mu kirere mu ntera ya metero mirongwitatu cyangwa a mirongwitandatu, ibyo bitare byagwa hasi bikarigita mu butaka mu kuzimu.

Abantu babanza kubona kurimburwa kw'imirimo y'intoke za bo. Imyubakire yabo irimbishijwe, imirima n'amashyamba byabo biringanijwe neza, aho bari barashyize ibigirwamana byabo bitunganijwe neza, aho bari, byose byarimbujwe umurabyo uturutse mu ijuru. Imisaka yabo inyagirwa hose. Bari burubatse ibicaniro mu dushyamba twabo, bakabyegereza ibigirwamana byabo, basigara babitambaho imirambo y'abantu. Ibyo bicaniro Imana yangaga urunuka bisenyerwa imbere yabo n'uburakari bwayo, ibyo bituma bahinda imishyitsi Abantu babanza kubona kurimburwa kw'imirimo y'intoke za bo. Imyubakire yabo irimbishijwe, imirima n'amashyamba byabo biringanijwe neza, aho bari barashyize ibigirwamana byabo bitunganijwe neza, aho bari, byose byarimbujwe umurabyo uturutse mu ijuru. Imisaka yabo inyagirwa hose. Bari burubatse ibicaniro mu

dushyamba twabo, bakabyegereza ibigirwamana byabo, basigara babitambaho imirambo y'abantu. Ibyo bicaniro Imana yangaga urunuka bisenyerwa imbere yabo n'uburakari bwayo, ibyo bituma bahinda imishyitsi.

Umugaru urushaho kwiyongera, hagati y'urusaku rwo gusuma kwawo humvikana imiborogo y'abantu bari barasuzuguye ubutware bw'Imana. Ibiti, amazu, abitare n'ubutaka bijugunywa hirya no hino impande zose. Ubwoba bwari burimu bantu nomu nyamaswa buba bwinshi cyane bitavugwa. Ndetse na Satani ubwe wagombaga kuba mu isi iteye ubwoba, hatangiye gutinya ko na we byamukukana. Yajyaga yishimira gutegeka abo bantu bakomeye, akifuza ko bakomeza kubaho ngo bagumye bikorere ibizira, bagwize ubugome bwabo bwo gutuka Imana yo mu ijuru. Avuga amagambo menshi yo kuvuma no gutuka Imana, ayirega ko ica urwa kibera, igakunda kubabaza abantu ibashinyagurira. Abantu benshi basa na Satani batuka izina ry'Imana, ndetse iyaba barashoboraga gusohoza ubugome bwabo, baba barayikuye ku ntebe yayo y'ubucamanza.

Ubwo benshi batukaga Umuremyi wabo no kumuvuma abandi basarishwaga n'ubwoba, bakaramburira amaboko yabo inkuge, batakamba ngo bakingurirwe. Ariko ntibyashobokaga; Imana yari imaze gukinga urugi. Gutinya no kwihana byabo byaje bikererewe cyane. Bagombaga kumenya ko hariho Imana ihoraho irusha abantu imbaraga, ariyo bajyaga bagomera bakayituka. Barayambaza cyane, ariko ugutwi kwayo ntikwarushya kubumva. Bamwe bagerageza kumena inkuge, ariko yari yubatswe ikomeye cyane, ntibayishobora. Abandi bafata cyane inkuge kugeza aho umuvumba w'amazi uyibavuvunuriraho, cyangwa bakayikurwaho n'ibitare n'ibiti byayiteraga impande zose.

Abajyaga birengagiza kubwiriza kwa Nowa bagashinyagurira uwo mubwiriza w'ibyo gukiranuka, bihannye kutizera kwabo igihe kimaze kubarengaho. Inkuge iteraganwa cyane hirya no hino hejuru y'iyo miraba yose. Inyamaswa n'amatungo byo bisigara imbere mu nkuge byivugira mu majwi yabyo Atari amwe; ariko hagati muri uwo mugaru n'amazi asuma n'ibiti n'ibitare biteraganywa hirya no hino, inkuge ikomeza kwibera amahoro. Abamarayika b'imbaraga bayoboraga inkuge, bayirinda akaga ngo idahugana. Uwo mugaru uteye ubwoba wabaye, wamaze iminsi mirongwine, kurindwa kw'inkuge kwari igitangaza, kwagaragaje imbaraga y'Imana idashira.

Inyamaswa zasigaye hanze muri uwo mugaru zahururiye abantu. Kuko zategereje yuko zisanze abantu, bazitabara. Abantu bamwe bahambiriye abana babo, na bo bakihambira ku nyamaswa zifite imbaraga, kuko bizeraga ko izo nyamaswa zigerageza kwikiza zigaterera imisozi miremire yose kugira ngo zirokoke amazi azamuka hose. Nta

bwo umugaru wagabanutse, ahubwo amazi yakomeje gukwira hose vuba kuruta mbere. Bamwe buriye ibiti birebire, byo hejuru y'imisozi miremire y'igihugu, ariko ibyo byose biranduranwa n'imizi yabyo, byikozagamu kirere bikajugunwa n'imbaraga y'uburakari hagatimumirase isuma byibirindura hamwe n'amabuye n'ubutaka bihorerena. Hejuru y'impinga ndende cyane aho abantu n'inyamaswa byari bidendeje byarwaniraga guhagarara hejuru kandi hitaruye kugeza aho byose uko bingana byarimbukiye hagati mu mazi yibirindura yenda kurenga impinga z'imisozi miremire yose. Izo mpinga ziherako zirengerwa n'amazi na zo, maze inyamaswa n'abantu byose birimbukira icyarimwe mu mazi y'umwuzure.

Nowa n'abo inzu ye bitegereje uko amazi yagabanutse bahagarika imitima cyane. Yari akumbuye i musozi cyane yifuza kuhasubira. Yohereza igikona, kiraguruka gikora hirya no hino, kikava ku nkuge kikayigarukaho. Ntiyabona inkuru yashakaga kumenya, aherako atuma inuma, na y'ibura uburuhukiro, igaruka ku nkuge. Hashize iminsi irindwi yongera gutuma inuma, noneho igarukana ikibabi cy'umwerayo mu kanwa kayo, bagira ibyishimo bikomeye cyane muri uwo muryango w'abantu munani, bari bamaze gihe kirekire bakingiraniwe mu nkuge.

Marayika arongera aramanuka. Akingura urugi rw'inkuge. Nowa yabashaga gukingura mu nkuge hejuru, ariko ntiyabashaga gukingura urugi Uwiteka yari yakinze. Imana ivuganira na Nowa mu kanwa ka marayika wakinguye urugi, itegeka ab'inzu ya Nowa gusohoka mu nkuge ngo basohokane n'ibizima byari biyirimo byose.

### *Igitambo cya Nowa n'isezerano ry'Imana*

Nowa ntarakibagirwa Imana yabarinze ityo kubwo imbabazi zayo nyinshi, ahubwo yubaka igicaniro ako kanya. Yenda ku itungo ritazira ryose n'inyoni itazira yose, abitambira ku gicaniro kuba ibitambo byoswa. Agaragaza atyo ko yizera Kristo igitambo gikuru, nuko ashimira Imana uburyo butangaje yabakijije. Igitambo cya Nowa kizamukira imbere y'Imana nk'umubabwe uhumura neza. Uwiteka aragishima; aha umigisha Nowa n'ab'inzu ye. Abagombaga gutura mu isi bigishwa icyigisho cy'uko ikimenyetso cyose cy'imbabazi n'urukundo rw'Uwiteka, abantu bose bakwiriye kubanza kugishimira cyane Uwiteka, bakanamuramya bicishije bugufi.

Kandi kugira ngo abantu batazajya baterwa ubwoba n'ibicu bikomeye n'imvura igwa hasi, bagahora batinya ko undi mwuzure wakongera gutera mu isi, Uwiteka agirira Nowa n'ab'inzu ye imbabazi, abahumurisha isezerano rye: "Ndakomeza isezerano ryanjye namwe : ibifite umubiri byose ntibizongera ukundi kurimburwa n'amazi y'umwuzure, kandi ntuhazabaho ukundi kurimbura isi. Imana iravuga iti: Iki ni cyo kimenyetso cy'isezerano nsezeranye namwe n'ibifite ubugingo byose muri kumwe, kugeza ibihe byose. Nshyize umuheto wanjye mu gicu, ni wo mukororombya, uzaba ikimenyetso cy'isezerano ryanjye n'isi. Nuko ubwo nzajya nzana igicu hejuru y'isi, umukororombya uzabonekera muri cyo…Umukororombya uzaba mu gicu, nanjye nzajya nywurebera kugira ngo nibuke isezerano ridashira ry'Imana n'ibibaho bifite umubiri byose biri mu isi."

Mbega ukuntu Imana yicishije bugufi! Mbega imbabazi yagiriye abantu bacumura kugira ngo ishyire mu bicu umukororombya mwiza cyane w'amabara atari amwe, ariwo kimenyetso hagati y'Imana ikomeye n'abantu. Uwo mukororombya warukwiriye kugaragariza abantu b'ibihe byose ko Imana yarimbuje abatuye mu isi umwuzure ku mpamvu z'ububi bwabo bwinshi. Yari yagambiriye yuko igihe abuzukuruza babo n'abazabakomokaho bose bazabona umukororombya mu gicu bakabaza impamvu y'uwo muheto mwiza cyane wambukanije isanzure, ababyeyi babo bazabasha kubona uburyo isi yakera yarimbujwe umwuzure, kuko abantu bari bihaye gukora ibyaha by'uburyo bwinshi. Uwiteka ni we wabangishije umuheto amaboko ye, awushyira mu bicu kuba ikimenyetso ko atazongera ukundi kuzana umwuzure w'amazi mu isi.

Icyo kimenyetso cyo mu bicu gikwiriye gukomeza kwizera kwa bose, ngo bishingikirize rwose ku Uwiteka, kuko ari ikimenyetso cy'imbabazi n'ineza y'Imana igirira abantu; n'ubwo Uwiteka yarakaye bitumaga arimbuza; arimbuza isi umwuzure, ariko imbabazi ze ziracyagose isi yose. Ibyo si ukuvuga yuko dukwiriye gutekereza yuko hari ubwo izibagirwa, ahubwo ivuganira n'umuntu mu magambo y'abantu kugira ngo turusheho kuyumva neza.

# 9

## Kuki abantu batandukanye?

Bidatinze bamwe bo mu bakomotse kuri Nowa batangiye gusubira inyuma. Igice kimwe cyakurikije ikitegererezo cya Nowa, amategeko y'Imana barayumvira; abandi baba abatizera n'abagome, na bo ntibahuzaga uko bizeraga iby'umwuzure. Bamwe ntibizeraga ko hariho Imana, maze mu gitekerezo cyabo biyemezaga k'umwuzure waje wizanye.Abandi bakizera ko Imana iriho, kandi ko ari yo yarimbuje abantu ba mbere umwuzure; ariko bakagira imigambi mibi nk'iya Kayini yo kugomera Imana bitwaza ko yarimbuye abantu ikabamara ku isi kandi ikavumisha isi ubwa gatatu umwuzure.

Abari abanzi b'Imana bumvaga iminsi yose bahanwa n'ingeso zo gukiranuka no kubaho kwera kw'abakundaga Imana bakayumvira bakayihimbaza. Abatizera bo bigiraga inama bagahereko bemeranya gutandukana n'abakiranutsi kuko ukubaho kwabo kwera kwahoraga kubabuza imigenzo yabo mibi. Baherako bahagurukayo bimuka mu bakiranutsi, batoranya ikibaya kinini cyo guturamo. Biyubakira imidugudu, bigira inama yo kubaka umunara munini uzagera mu bicu, kugira ngo bazibanire muri uwo mudugudu mu nini n'umunara, batazongera gutatana ukundi.

Bibwira ko bazibonera ubuhungiro ni hagira undi mwuzure uzatera ku isi, kuko bashakaga kubaka umunara bakawuzamura hejuru cyane aho amazi yagereye mu gihe cy'umwuzure wari ushize, maze abo mu isi bose bakabaha icyubahiro bakamera nk'Imana bakigarurira abantu. Uwo munara washoboraga guhesha ishimwe abawubatse, kandi wagenewe guhindura ibitekerezo by'abandi ngo bibagirwe Imana maze bakubire hamwe mu byo gusenga ibigirwamana byabo. Umurimo wo kubaka utararushya urangira, abantu batangira gutura mu munara. Ibyumba barabirimbisha cyane, bashyiramwo ibikoreshwa babyerekana ibigirwamana byabo. Abatizeraga Imana bibwiraga ko umunara n'ubasha kugera mu bicu, ntakizababuza kumenya impamvu yatumye umwuzure ubaho.

Bishyirira hejuru kurwanya Imana ariko ntiyabakundira. Barangiza umurimo wabo. Bari bamaze kugeza umunara hejuru cyane, maze Uwiteka yohereza abamarayika babiri bazana umuvurungano mu murimo wabo.

Abakozi bamwe bo ku munara bari bashyizweho ngo bamenye iby'abubatsi bari hejuru ku munara bashaka, ngo babatume ibyo bakwiriye kubakisha, maze uhereza wa mbere yabibwira uwa kabiri, na we akabwira uwa gatatu bigahererekana, kugeza ubwo abari hasi bumva icyo batumiza. Bakiri muri urwo ruhererekane rw'ibyo batumira kuva hejuru kugera hasi, abamarayika basobanya ururimi rwabo, ba bakozi bari hasi icyo basabwe ntibabe ari cyo bohereza, ahubwo bakohereza ibidatumijwe. Bakarushywa n'ubusa babajyana ku munara hejuru, bagasanga atari byo byashakwaga. Bamaze gushoberwa batyo bararakara, batangira gutonganya abo bibwira ko ari bo bafuditse.

Hanyuma y'ibyo bananirwa gufataniriza hamwe mu murimo wabo. Bamaze kurakarirana kandi babuze impamvu batumvikana bitewe n'amagambo batumvikanaho yaje muri bo, bareka umurimo baratandukana, baratatana, bakwira mu isi yose. Kugeza icyo gihe abantu bajyaga bavuga ururimi rumwe gusa. Umurabyo uturutse mu ijuru, ari wo kimenyetso cy'umujinya w'Imana, umenagura umutwe w'umunara wabo, uwusandaza hasi ku butaka. Imana yeretse ityo abantu bagomye ko ari yo Isumba byose.

*Ubwo Imana yarimburaga umunara w'i Babeli,*
*abantu bagize ubwoba bwinshi barahunga.*

# 10

## Itangiriro ry'Ubwoko bw'Imana

Uwiteka yatoranirijeAburahamu gusohoza ubushake bwe. Yategetswe gusiga ubwoko bwe bwasengaga ibigirwamana no gutandukana na bene wabo. Uwiteka yari yarabonekeye Aburahamu mu busore bwe, amuha ubwenge kandi amurinda gusenga ibigirwamana. Uwiteka yagambiriye kumugira icyitegererezo cyo kwizera no kwitanga by'ukuri ku bwoko bw'Imana bwajyaga kuzatura mu isi hanyuma ye. Imico ye yagaragazaga ko ari intungane mu byo kugira neza no gucumbikira abashyitsi. Yihesheje icyubahiro kuko yari umutware ukomeye mu bantu. Kubaha Imana kwe no kuyikunda, no kumvira rwose ibyo ishaka, byatumye yubahwa n'abagaragu n'abaturanye be.. Icyitegererezo cye cyiza n'ingeso zo gukiranuka, bifatanije n'amateka yategetse abagaragu n'abo mu rugo bose, byatumye bubaha Imana y'Aburahamu, barayikunda kandi bayiha ishimwe.

Uwiteka yabonekeye Aburahamu, amusezeranya ko urubyaro rwe ruzangana n'inyenyeri zo mu ijuru. Mu mwijima uteye ubwoba wamujeho, ubwo yari asinziriye, Uwiteka yamumenyesheje ko urubyaro rwe ruzaba abashyitsi n'abimukira mu gihugu cya Egiputa imyaka irenga magana ane.

Mbere Imana yashyingiye Adamu umugore umwe, ngo igaragaze umugambi wayo. Nta bwo yashakaga ko umugabo azagira abagore barenze umwe. Lameki ni we wabaye uwa mbere kurogoya gahunda y'ubwenge bw'Imana. Yashatse abagore babiri, bituma urugo rwe rwiremamo ibice. Ishyari n'ifuhe ry'abo bagore ryatumye Lameki atagira umunezero. Ubwo abantu batangiye kugwira mu isi, bakabyara abakobwa, batangiye kwizanira abagore bashatse bose. Iyo ngeso yabaye icyaha gikomeye cy'abari batuye mu isi ya kera, kibazanira umujinya w'Imana. Uwo mugenzo wakomeje kuba mu babayeho hanyuma y'umwuzure, ndetse ukwira hose kugeza aho abagabo b'abakiranutsi biganye uwo mugenzo na bo bakagira abagore benshi. Ariko na none cyakomeje kuba icyaha nubwo abakiranutsi na bo bononekaye bakareka umugambi w'Imana muri ubwo buryo.

Uwiteka yavuze ibya Nowa n'ab'inzu ye bakirijwe mu nkunge "Kuko ari wowe nabonye ukiranuka mu maso yanjye muri iki gihe." Itangiriro 7:1. Nowa yari afite umugore umwe musa, maze kuko bategekanaga urugo rwabo bahuje umutima, Uwiteka yarabahiriye cyane. Kuko bene Nowa bakiranukaga barindiwe mu nkunge hamwe na se w'umukiranutsi. Uwiteka ntabwo yigeze yemera na hato ibyo gushaka abagore benshi ngo abahire. Ahubwo bacishije ukubiri n'ubushake bwe. Yari azi neza ko byavutsa

umunezero abo mu rugo.Aburahamu yagize aho amariye kurongora Hagari ntarakagira amahoro ashyitse n'umunezero.

### *Gushidikanya amasezerano y'Imana*

Aburahamu amaze gutandukana na Loti, Uwiteka aramubwira ati: "Rambura amaso, urebe, uhereye aho uri hano, i Kasikazi n'i Kusi n'iburasirazuba. Igihugu cyose ubonye ni wowe nzagiha n'urubyaro rwawe iteka ryose. Kandi nzagwiza urubyaro rwawe rungane n'umukungugu wo hasi, Kandi niba umukungugu wo hasi ubarika n'urubyaro rwawe na rwo ruzabarika." Ijambo ry'Uwiteka riza kuri Aburahamu mu iyerekwa riti: "Aburamu, witinya; nijye ngabo igukingira, uzagororerwa ingororano ikomeye cyane …. Aburamu aravuga ati : Dore, nta rubyaro wampaye: kandi uwavukiye mu rugo rwanjye azaragwa ibyanjye !

Kuko Aburahamu yari adafite Umuhungu, yabanje kwibwira ko umugaragu we ukiranuka, Eliezeli, ari we wari ukwiye kwitwa umuhungu n'umuragwa we. Ariko Imana imenyeshaAburahamu yuko umugaragu we atari we ukwiriye kuba umuhungu n'umuragwa we, ahubwo ngo azabyara uwe muhungu. "Aramusohokana, aramubwira ati: Rarama, urebe ku ijuru, ubare inyenyeri, niba wabasha kuzibara. Ati: "Urubyaro rwawe ni ko ruzangana."

Abuhamu na Sara iyo bategereza gusohorezwa isezerano bafite kwizera gushyitse ko bazabyara umuhungu, ntibaba barabonye agahinda kenshi. Ahubwo baba barizeye ko Sara yabyara umuhungu kandi ageze mu zabukuru. Sara yatanze inama yibwira ko iyo nama izatuma isezerano ry'Imana risohora. Yingingira Abuhamu kurongora Hagari. Muri iyo nama bombi babuze kwizera kubabashisha kwisunga rwose imbaraga z'Imana. Kuko yumviye ijwi rya Sara agashaka Hagari h'umugore. Aburahamu nta bwo yihanganiye kugeragezwa ngo yizere rwose imbaraga y'Imana itagira akagero, ahubwo byamuteye amahane menshi na Sara kuba uko. Uwiteka yashatse kureba ko kwizera kw'Aburahamu gukomeye byatuma agundira amasezerano yamusezeranije.

### *Agasuzuguro ka Hagari*

Hagari yakundaga kwibonabona no kwirarira, agasuzugura Sara akibwira ko ari we uzaba nyina wa bwa bwoko bukomeye Imana yari yarasezeraniye Aburahamu. Noneho bituma Aburahamu yumva amaganya ya Sara yuko Hagari amugenza, ndetse abiherereza kuri Aburahamu ko ari umuja we, ngo agomba kumutegeka.

Icyakora icyo itemeye ni ukumwirukana, kuko yari akwiye kuba nyina w'umuhungu we, ari we yibwiraga ko rya sezerano rizasohorezwamo. Yibutsa Sara kandi ko aba atararongoye Hagari iyo aba atari we (Sara) wabimusabye.

Aburahamu agomba kumva na none ukuntu Hagari aganya ko Sara yamugiriye nabi. Aburahamu biramushobera rwose. Ngo n'arengera Hagari kubwo inabi yagiriwe, biributume ishyari n'amaganya bya Sara, umugore we wa mbere kandi akunda cyane, birushaho kuba bibi. Hagari aherako arahunga, ava mu maso ya Sara. Marayika w'Uwiteka asanganira Hagari, aramuhumuriza kandi amuhana bwa bwibone bwe,amutegeka gusubira kwa nyirabuja ngo ajye amwumvira yicishije bugufi.

Hanyuma yo kuvuka kwa Ishimayeli Uwiteka yongera kubonekera Aburahamu, aramubwira ati: "Kandi nzakomeza isezerano ryanjye nawe n'urubyaro rwawe ruzakurikiraho rigeze ibihe byose, ribe isezerano ridashira." Uwiteka yongera kuvugira muri marayika isezerano ryo guha Sara kubyara umuhungu, kandi yuko azaba nyirakuruza w'amahanga menshi. Aburahamu yari atarasobanukirwa n'isezerano ry'Imana. Uwo mwanya ibitekerezo bye bijya kuri Ishimayeli, nk'aho ari we uzakomokwaho n'amahanga menshi yari yarasezeranijwe, maze kubwo urukundo afitiye umuhungu we aherako aravuga cyane ati: " Icyampa Ishimayeli akabaho ari imbere yawe!"

Aburahamu yongeye kumva iryo sezerano ndetse birushaho kumvikana: "Ahubwo Sara umugore wawe ni we uzabyaraho umuhungu; uzamwite Isaka: Nanjye nzakomeza isezerano ryanjye nawe, ngo ribere urubyaro ruzakurikiraho isezerano ridashira." Abamarayika batumwa kuri Aburahamu ubwa kabiri mu nzira bajya kurimbura Sodomu, basubira kwatura rya sezerano ry'uko Sara azabyara umuhungu.

### *Umwana wasezeranywe*

Nyuma yo kuvuka kwa Isaka umunezero mwinshi Aburahamu na Sara berekanye watumye Hagari agira ishyari cyane. Ishimayeli yari yigishijwe na nyina ko ari we ukwiriye guhirwa cyane n'Uwiteka, kuko ari umwana w'Aburahamu kandi akwiriye kuragwa ibyo yasezeranijwe. Ishimayeli yababaranye na nyina arakazwa n'umunezero wabaye kubwo kuvuka kwa Isaka. Yasuzuguye Isaka kuko yibwiye ko amurusha igikundiro. Sara yabonye uko Ishimayeli agenzereza umuhungu we Isaka, biramubabaza cyane mu mutima. Aherako atekerereza Aburahamu uko Ishimayeli yamusuzuguye, agasuzugura n'umuhungu we Isaka, aramubwira ati: "Senda uyu muja n'umuhungu we, kuko umuhungu w'uyu muja atazaraganwa n'umuhungu wanjye Isaka."

Aburahamu agira agahinda kenshi cyane. Ishimayeli yari umwana we akunda. Yabasha ate kumwirukana?Akijuganiwe asaba Uwiteka, kuko yari atazi uko akwiriye kugenza. Uwiteka amenyesha Aburahamu, amutumyeho abamarayika be, ko akwiriye kumvira ijwi rya Sara umugore we, kandi ko urukundo afitiye'umuhungu we Ishimayeli na Hagari rudakwiriye kumubuza gukora ibyo Sara ashaka. Kuko ibi ari byo byonyine yajyaga gukora akabona kugira amahoro n'umunezero mu rugo rwe. Aburahamu yongeye kumva isezerano rya marayika amuhumuriza, yuko Ishimayeli nubwo yirukanywe kwa se, atazapfa kandi yuko Uwiteka atazamuhana. Ahubwo yuko azarindwa kuko ari mwene Aburahamu. Ngo na we Uwiteka azamugira ubwoko bukomeye.

Aburahamu yari umunyangeso nziza akunda kugirira abandi neza gusa, kandi uwo mutima w'imbabazi wagaragariye igihe yasabiraga abantu b'i Sodomu abyitayeho cyane. Ababara cyane mu mutima we wari utunganye. Yunamishwa n'agahinda kenshi, maze umutima we wa kibyeyi ugira agahinda kenshi cyane igihe asenze Hagari n'umwana we Ishimayeli ngo bazerere ari abashyitsi mu gihugu cy'ubutayu.

Iyaba Uwiteka yaremeye umugenzo wo gutunga abagore babiri, ntaba yarategetse Aburahamu kwirukana Hagari n'umuhungu we. Ahubwo yashatse kwigishiriza bose icyigisho muri ibyo, yuko icyubahiro n'umunezero by'abashyingiranywe, bikwiriye kwemerwa no kurindwa iteka, nubwo byaba bigomba kwibabaza cyane. Sara ni we mugore wa Aburahamu wa mbere kandi w'ukuri. Nta wundi mu rugo wari ukwiriye icyubahiro nka we kuko ari we mugore nyamugore n'umubyeyi nyamubyeyi. Yubahaga umgabo we, akamwita umwami we, ariko yagiriye Hagari ishyari kuko yasangira na we urukundo rw'Aburahamu. Imana nta bwo yacyashye Sara kuko yagenje atyo. Ahubwo Aburahamu ni we wahanwe n'abamarayika kuko atizeraga imbaraga z'Imana, bigatuma agira Hagari umugore we, akibwira ko muri we arimo isezerano rizasohorezwa.

### *Kugeragezwa guhebuje ko kwizera*

Uwiteka arongera abona ko ari byiza kugeragezesha kwizera kw'Aburahamu ikigeragezo gikomeye giteye ubwoba. Iyo yihanganira kugeragezwa kwa mbere, agategereza yihanganye ko isezerano rya mbere rizasohorezwa muri Sara, akaba ataragize Hagari umugore we ngo amuharike undi, ntaba yaragombye kugeragezwa uburyo bukomeye cyane kurusha abandi bantu bose.

Uwiteka yategetse Aburahamu ati: "Jyana umwana wawe w'ikinege, ukunda, Isaka, ujye mu gihugu cy'i Moriya; umutambireyo ku musozi ndibukubwire, abe igitambo cyoswa kitagabanije."

Aburahamu ntiyabanje kutizera Imana ngo ashidikanye, ahubwo mu gitondo kare ajyana abagaragu be babiri na Isaka, umwana we, n'inkwi zo kwosa igitambo, ajya ahantu Imana yamubwiye. Nta bwo yiriwe abwira Sara impamvu y'ukuri y'urwo ruzinduko rwe, kuko yari azi yuko urukundo Sara akunda Isaka rwajyaga gutuma atizera Uwiteka akimana umwana we. Aburahamu nta bwo yakundiye urukundo rwa kibyeyi kumutegeka ngo agomere Imana. Itegeko ryayo ryagenewe gusuzuma umutima we rwose. "Jyana umwana wawe." Maze asa n'urushaho gusuzuma umutima we, yungamo ati Umwana wawe w'ikinege, Isaka ukunda, ari we mwana umwe w'isezerano, maze umuntambeho igitambo cyo kwoswa."

Uwo mubyeyi yakoze urugendo rw'iminsi itatu ajyanye n'umuhungu we, yari afite umwanya uhagije wo kwibwira no kutizera Imana iyo abishaka. Ubwo ntiyiriwe atekereza yuko isezerano ryasohorezwa muri Ishimayeli, kuko Imana yari yamweruriye ko isezerano rizasohorezwa muri Isaka.

Aburahamu yizeye yuko Isaka ari we mwana w'isezerano. Yizeye kandi ko Uwiteka yamubwiye ko akora uko amubwiye rwose igihe amutegetse ngo ajye kumutambaho igitambo cyoswa. Nta bwo yashidikanije umwanya na muto isezerano ry'Imana, ahubwo yizeye yuko iyo Mana, yari yahaye Sara umwana mu zabukuru ibyishakiye, ikaba kandi ari yo imutegetse kwaka uwo mwana ubugingo bwe, yajyaga na none kumugarurira ubugingo bwe imuzuye mu bapfuye.

Aburahamu yasize abagaragu mu nzira, kugira ngo ajyane n'umuhungu we wenyine bajye gusengera ahitaruye. Ntiyakundira abagaragu be kubaherekeza kugira ngo urukundo bakundaga Isaka rutabatera kumubuza gukora icyo Imana yari yamutegetse. Akura inkwi mu maboko y’abagaragu be, azikorera umwana we ku bitugu. Ajyana kandi umuriro n’umushyo. Yari yiteguye gusohoza umurimo uteye ubwoba yahawe n’Imana. Umubyeyi n’umwana bakomeza kujyana. “Isaka ahamagara Aburahamu se, ati: Data. Aramwitaba ati: Ndakwitaba, mwana wanjye. Aramubaza ati: Dore umuriro n’inkwi ngibi, ariko umwana w’intama uri he, w’igitambo cyo koswa kitagabanije? Aburahamu arumusubiza ati: Mwana wanjye, Imana iri bwibonere igitambo cyo koswa kitagabanije.

Nuko bombi barajyana." Uwo mubyeyi akomeza kujyana n'umwana we iruhande rwe, amufitiye urukundo rwinshi, ababaye cyane ariko ntiyashidikanya kumvira itegeko ry'Imana. Ubwo bari bageze ahantu Imana yeretseAburahamu, bubakayo igicaniro, yararikaho za nkwi, amaze kuringaniriza iby'igitambo byose maze aherako amenyesha Isaka iby'itegeko ry'Imana rivuga yuko ari we ukwiriye kuba igitambo cyoswa. Asubira kumubwira rya sezerano Imana yari yaramusezeranije mu bihe bitari bimwe, yuko Isaka azamuhesha kuba ubwoko bukomeye nubwo yakurikiza itegeko ry'Imana akamwica, Imana ntiyajyaga kubura gusohoza rwose isezerano ryayo, kuko ibasha no kumuzura mu bapfuye.

### *Ubutumwa bwa Marayika*

Isaka yizeye Imana.Yari yarigishijwe kumvira rwose itegeko rya se, akayubaha. Iyo abishaka yajyaga kurwanya se. Ahubwo yamaze guhobera se amukunze, yemera kubohwa ngo arambikwe hejuru y'inkwi. Maze igihe se akirambura ukuboko ngo asogote umuhungu we, marayika w'Uwiteka wari wabonye uburyo Aburahamu yabaye umunyamurava mu nzira yo kujya i Moriya, amuhamagara ari mu ijuru, ati: "Aburahamu, Aburahamu. Aritaba ati: "Karame" Aramubwira ati: "Ntukoze ukuboko kuri uwo muhungu, ntugire icyo umutwara: kuko ubu menye yuko wubaha Imana, kuko utanyimye umwana w'ikinege".

"Aburahamu yubura amaso, arareba, abona inyuma ye imfizi y'intama, amahembe yayo afashwe mu gihuru: Aburahamu aragenda, yenda ya ntama, ayitambaho igitambo cyoswa kitagabanije mu cyimbo cy'umwana we."

Aburahamu yarangije neza noneho kwihanganira rwose uko kugeragezwa, ubuyoboke bwe butuma yikiza cya gicumuro cyo kutizera rwose Uwiteka, ubwo yashakaga Hagari ho umugore we. Uwiteka asubira kumubwira rya sezerano rye. "Maze marayika w'Uwiteka arongera ahamagara Aburahamu, ari mu ijuru, aramubwir'ati: "Ndirahiye ni ko Uwiteka avuga, ubwo ugenjeje utyo ntunyime umwana wawe w'ikinege, yuko no kuguha umugisha no kukugwiza, nzagwiza cyane urubyaro rwawe ruhwane n'inyenyeri zo mu ijuru, kandi ruhwane n'umusenyi wo mu kibaya cy'inyanja, kandi ruzahindura amarembo y'ababisha babo; kandi mu rubyaro rwawe nimwo amahanga yose yo mu isi azaherwa umugisha; kuko wanyumviye."

*Igihe Yakobo yahungaga ava iwabo yahumurijwe n'inzozi yarose zerekanaga abamarayika bazamuka hagati y'ijuru n'isi.*

# 11

## Uko ubukwe bwiza bukwiriye kumera

Abanyakanini basengaga ibigirwamana, kandi Uwiteka yari yategetse ko abo ubwoko bwe badakwiriye gushyingirana nabo, ngo batazabatoza kujya basenga ibigirwamana byabo.Aburahamu yari ashaje asigaye ategereje gupfa vuba . Isaka na we yari atararongora. Aburahamu yatinye ko Isaka ahari yakwanduzwa n'ingeso z'abantu mbi, bo muri icyo gihugu bari babakikije, yifuza cyane ko yashakirwa umugore utazamuyobya Imana. Abishinga umugaragu we wari inyangamugayo kandi ujijutse, ni na we wamutwariraga ibye byose.

Aburahamu arahiza umugaragu we indahiro ikomeye imbere y'Uwiteka ko atazazanira Isaka umugeni wo mu Banyakanani, ahubwo ngo azajye kumushakira muri bene wabo w'Aburahamu kuko ari bo bizeraga Imana y'ukuri. Amutegeka kwirinda ngo atajyana Isaka mu gihugu yavuyemo, kuko hafi ya bose basengaga ibigirwamana. Kandi ngo naramuka atabashije kubonera Isaka umugeni, ushobora kwemera gusiga bene wabo ngo amusange aho ari, ntazaba yishe indahiro yarahiye.

Uwo murimo ukomeye nta bwo wahariwe Isaka ngo yishakire umugeni ubwe atagishije se inama. Aburahamu yabwiye umugaragu we ko Uwiteka azatuma marayika imbere ye kumurambagiriza umugeni. Umugaragu washinzwe uwo murimo aherako atangira urugendo rwe rwari rurerure. Ageze mu mudugudu bene wabo w'Aburahamu bari batuyemo, asaba cyane Uwiteka ngo amuyobore gushakira Isaka umugeni. Asaba guhabwa ikimenyetso kigaragara ngo atazateshuka gusohoza ubutumwa bwa shebuja Aburahamu. Aruhukira ku iriba aho aho benshi bajyaga bateranira. Ahitegereza umukobwa Rebeka, abona imico ye yo kugira neza n'uburyo yubaha; abona kandi ibimenyetso yari yasabye Uwiteka bisohoye bimwereka ko Rebeka ari we Uwiteka yatoranije kuba umugore wa Isaka. Rebeka na we aherako ararikira uwo mugaragu gucumbika kwa se. Uwo mugabo agezeyo atekerereza se wa Rebeka na musaza we ibimenyetso yari yabonye biva k'Uwiteka by'uko Rebeka ari we ukwiriye kuba umugeni wa Isaka mwene shebuja.

Umugaragu waAburahamu aherako arababwira ati: "Nuko ni mushaka kugirira databuja neza ni mumbwire: ntimunderege, ni mutabyemera ni mumbwire, nanjye mpindukire njye Iburyo cyangwa ibumoso."

Se wa Rebeka na musaza we baramusubiza bati:" Ibyo biturutse ku Uwiteka nta kindi tubasha kukubwira, cyiza cyangwa kibi. Dore Rebeka ari imbere yawe, mujyane, abe muka mwene shobuja, nk'uko Uwiteka yavuze. Umugaragu w'Aburahamu yumvise ayo magambo yikubita hasi, asenga Uwiteka."

Byose bimaze kurangizwa, se w'umukobwa na musaza we bamaze kubyemera, Rebeka na we baherako bamubaza ko yemera kujyana n'umugaragu w'Aburahamu muri urwo rugendo rurerure kure y'i wabo ngo ajye kurongorwa na Isaka. Bya bimenyetso byabaye, bimwizeza ko ukuboko k'Uwiteka kwamutoranije kuba umugore wa Isaka, araviga ati: "Turajyana."

Muri icyo gihe ababyeyi na bo bajyaga basabira abana babo; ariko nta bwo babahatiragamo gushyingiranwa na bo badakunze. Abana na bo bizeraga ababyeyi babo ko bazabahitiramo neza, bagakurikiza inama yabo, bagakunda abo basabiwe n'ababyeyi babo bubaha Imana kandi bazi kugenzura abantu, Iyo umwana yangaga kumvira inama y'ababyeyi byamuberaga icyaha gikomeye.

### *Icyitegererezo cyo kumvira k'umwana*

Isaka yari amaze kumenyerezwa kubaha Uwiteka no kugira ukubaho ko kumvira. Amaze imyaka mirongo ine yemeye ku mugaragaro ko umugaragu wa se amusabira, kuko yari azi ko ari umuntu wubaha Imana kandi agenzura abantu. Yizeye ko Uwiteka azamuyobora ngo amusabire umugore umukwiriye.

Ibyabaye kuri Isaka byandikiwe kuba icyitegererezo ku bana bose ngo bazamwigane mu bihe bizakurikiraho, cyane cyane abitwa abubaha Imana.

Uburyo Aburahamu yigishije Isaka bwatumye akundi ukubaho ko kumvira kunamuhesha kubaho, ibyo na byo byandikiwe ababyeyi ngo bitume nabo bategeka abo mu ngo zabo. Bakwiriye kumenyereza abana babo kumvira no kubaha bagakora ibyo babategetse. Kandi bo, buzura n'abanyangeso nziza na bagenzi babo beza, be kujya bapfa kurarira.

## 12

## Impanga zitandukanye

Uwiteka azi iherezo, uhereye mbere na mbere. Yakobo na Esawu bataravuka yari azi neza ingeso zo mu mibereho yabo bajyaga kuzagira hanyuma. Yari azi ko Esawu atazagira umutima wo kumvira. Uwiteka yashubije Rebeka ubwo yasengaga ahagaritse umutima, amumenyesha ko azabyara abana kandi ko umukuru azaba umugaragu w'umuto. Amwereka ibizaba kuri abo bahungu be bombi, ko bazaba amahanga abiri, ubwoko bumwe buruta ubundi, kandi yuko umukuru azaba umugaragu w'umuto. Ubundi ariko, imfura ni yo yari ikwiriye guhabwa umugabane munini n'icyubahiro cyinshi kuruta abana bayikurikiye bose.

Isaka yakunze Esawu kuruta Yakobo kuko Esawu ari we wamuhigiraga inyama. Yanezezwaga n'ubutwari bwe butaboba n'uburyo yatwaraga ubugabo igihe yajyaga ahiga inyamaswa z'inkazi. Yakobo we yari umutoni kuri nyina, kuko yari umugwaneza akagira ingeso zinezeza Rebeka. Yakobo yari yaramaze kwigishwa na nyina ibyo na we yari yigiye k'Uwiteka, yuko umukuru azaba umugaragu w'umuto, maze mu bitekerezo bye by'ubwana ahereko abona ko iryo sezerano ritashobora gusohora. Esawu agira amahirwe n'icyubahiro bijya bihabwa umwana w'imfura. Bukeye Esawu avuye mu ishyamba, akoza, Yakobo aba umuciye urwaho rwo kumuronkeraho. Abwira Esawu ko yamugaburira kubitukura bye yari yatetse aramutse yemeye kureka ubutware bwe, Esawu aherako agura na Yakobo ubutware bwe.

Esawu yarongoye abagore babiri basenga ibishushanyo, bibabaza cyane umutima wa Isaka n'uwa Rebeka. Nubwo yakoze atyo, Isaka akomeza kumukunda kuruta Yakobo. Igihe Isaka yibwiraga ko yegereje gupfa, asaba Esawu kumuhigira inyama, ngo abone kumuha umugisha atarapfa. Esawu nta bwo yabwiye se ko yaguze ubutware bwe na Yakobo, ndetse ararenga ararahira. Rebeka na we yumvise ibyo Isaka yavuze, yibuka n'amagambo y'Uwiteka, "Umukuru azaba umugaragu w'umuto" Rebeka aragenda, yemeza Yakobo guhenda se, ngo yibonere umugisha mu buryo bw'ubuhendanyi kuko nyina yibwiraga ko Yakobo atazabona ubundi buryo bwo kuwuhabwa. Yabanje kwanga guhenda se atyo, ariko ageza aho yemera inama za nyina.

Rebeka yamenye ubutoni Isaka agirira Esawu, yizera adashidikanya ko atabasha kwemeza Isaka guhindura imigambi ye. Aho kwisunga Uwiteka we ubasha gusohoza ibikwiriye kuba byose, agaragaza ko abuze kwizera kuko yashutse Yakobo ngo ahende se. Imana nta bwo yashimye iyo migenzereze yo guhenda se ubwenge. Aho kugira ngo Rebeka na Yakobo banyure mu nzira y'ubuhendanyi ngo bagerageze gusohoza

ibyahanuwe, bari bakwiye gutegereza Uwiteka akaba ari we usohoza imigambi ye mu buryo abishaka. Iyo Esawu abona umugisha wa se, wagenewe abana b'imfura bose, umugisha yashakaga wajyaga kuva ku Mana yonyine; na yo rero yajyaga kumuhira ikamuha kugubwa neza ntagubwe nabi ngo ahwane n'imigenzereze ya Esawu. Iyo akunda Uwiteka akamwubaha nk'Aberi umukiranutsi, yajyaga kwemerwa n'Uwiteka akamuha umugisha. Ariko agenza nka Kayini w'umunyabyaha, ntiyubaha Imana cyangwa amategeko yayo, ahubwo akurikiza inzira yishakiye, nta bwo Imana yamuhira, yamwanga rwose nk'uko yagenjeje Kayini. IyoYakobo akiranuka mu byo yakoraga agakunda Uwiteka akamwubaha, yajyaga kubona umugisha w'Imana, kandi ukuboko kwayo gutanga imigisha kwajyaga kubana na we nubwo atabonye imigisha n'ubukuru imfura zajyaga zibona.

### *Imyaka y'ubusuhuke ya Yakobo*

Rebeka yicujije ababaye cyane kubwo inama mbi yagiriye Yakobo, yatumye batandukana iteka ryose. Agomba guhunga Esawu wari umurakariye, bituma nyina atongera kumuca iryera. Isaka yaraze imyaka myinshi amaze guhaYakobo umugisha, amenyera neza mu migenzereze ya Yakobo na Esawu yuko umugisha ukwiriye kuba uwa Yakobo koko.

Yakobo ntiyagize umunezero mu rugo rwe. N'ubwo abagore be bari abavandimwe.Yasezeranye na Labani kuzarongora umukobwa we witwaRasheli kuko yamukundaga. Amaze gutendera Labani imyaka irindwi kugira ngo arongore Rasheli, Labani amuhenda ubwenge amushyingira Leya. Yakobo abonye uburyo bamuriganije, na Leya na we uko yafatanije na bo mu bumucakura, bituma atashobora kumukunda. Labani yashakaga ko Yakobo yakomeza kumutendera kuko yakiranukaga mu mirimo ye, ni cyo cyatumye amuha Leya mu mwanya wa Rasheli.Yakobo aherako atonganya Rabani ko yamuriganije atyo kuko yamuhaye Leya atamukunda. Labani ahendahenda Yakobo ngo adasenda Leya kuko byajyaga kuba urukozasoni, si Leya wenyine ahubwo n'urugo rwa se rwose. Yakobo asigara afite akaga kenshi rwose, ahitamo kugumana Leya, akarongora na murumuna we. Leya aba inyungwakazi, naho Rasheli aba inkundwakazi.

Labani yarikundaga ku byo yagiriye Yakobo. Icyo yahoraga atekereza gusa n'urwunguko mu mirimo yo gutenda kwa Yakobo. Yakobo na we aba yarasezeye kera kuri Labani w'umuriganya, n'uko yatinyaga guhura na Esawu. Yumva bene Labani bivovota bati: "Ibyari ibya Data Yakobo yarabimunyaze byose, kandi mu byari ibya data niho yakuye ubutunzi afite bwose. Yakobo abona yuko Labani atakimureba nk'uko yamurebaga mbere."

Yakobo agira agahinda. Ayoberwa aho yakwerekera. Amenyesha Uwiteka akaga arimo, amusaba kumuyobora. Uwiteka amugirira ibambe, asubiza gusenga kwe, "Uwiteka abwiraYakobo ati": Subira mu gihugu cya basogokuruza muri bene wanyu; nanjye nzabana nawe."

Yakobo atumira Rasheli na Leya ngo baze mu rwuri, aho umukumbi we uri, arababwira ati "Nabonye so atakindeba nk'uko yandebaga mbere; ariko Imana ya data ihorana nanjye. Namwe muzi yuko nakoreye so, uko nashoboye kose, kandi so yagiye andiganya, ahindura ibihembo byanjye inshuro icumi; ariko Imana ntiyamukundiye kugira icyo antwara."

Yakobo abatekerereza inzozi yahawe n'Imana, ngo asige Labani asubire muri bene wabo. Rasheli na Leya na bo bagaya uko se yagenje. Rasheli na Leya baramubwira bati: "Mu rugo rwa data hari umugabane cyangwa byo tuzaragwa dufiteyo? Ntaduhwanya n'abanyamahanga? Ko yatuguze, akarya ibiguzi byacu. Ubutunzi bwose Imana yatse data n'ubwacu n'abana bacu: nuko icyo Imana ikubwira cyose, ugikore."

### ***Basubira i Kanani***

Yakobo ahengereye Labani adahari ahagurukana n'abo mu rugo n'ibyo yari afite byose, ahunga Labani. Amaze kugenda urugendo rw'iminsi itatu, Labani amenya ko yahunze, biramubabaza cyane. Aramukurikira, agambiriye kumugarura. Ariko Uwiteka yababariye Yakobo, maze ubwo Labani yenda kumugeraho, amubwira mu nzozi za nijoro kutagira icyo abwira Yakobo cyiza cyangwa kibi. Ibyo ni ukuvuga ngo ntazamuhatira kugaruka, cyangwa kumushimagiza.

Labani ahuye naYakobo, amubaza impamvu yahunze rwihishwa, akanamwiba, akajyana abakobwa be nk'abanyagano banyazwe n'inkota. Labani aramubwira ati: "Nabasha kugira icyo mbatwara; ariko Imana ya so yambwiye iri joro iti": Wirinde, ntugire icyo ubwira Yakobo cyiza cyangwa kibi." Yakobo arakomeza yibutsa Labani uburyo yakomeje kumuriganya, bitewe no kwishakira inyungu gusa. Abaza ko yibwira ko yamukiranukiye mu byo yamugiriye mu gihe babanye, aramubwira ati "Iyicwaga n'inyamaswa, sinakuzaniraga ikirira, nayishyiraga ku mubare wanjye; wandihishaga izibwe, naho haba ku manywa cyangwa nijoro. Nameraga ntya; ku manywa nicwaga n'umwuma, n'ijoro nkicwa n'imbeho; ibitotsi bikanguruka."

Yakobo aravuga ati "Iyo myaka uko ari makumyabiri nabaga iwawe, nagutendeyeho abakobwa bawe bombi imyaka cumi n'ine, mara imyaka itandatu nkorera umukumbi: wahinduye ibihembo byanjye inshuro icumi.

Iyaba Imana ya data, Imana y'Aburahamu, iyo Isaka yubaha, atabanye nanjye, ntuba warabuze kunsezerera ntacyo mfite. Imana yabonye kugirirwa nabi kwanjye n'umuruho w'amaboko yanjye, iri joro ryakeye iragukangara."

Labani asubiza Yakobo yerura urukundo afitiye abakobwa be n'abana babyaye; ahamya neza ko atabasha kugira icyo abatwara. Agira Yakobo inama ngo basezerane isezerano. Labani aravuga ati: " None jye nawe dusezerane isezerano; ribe umuhamya hagati yacu. Yakobo yenda ibuye, arishinga nk'inkingi. Yakobo abwira bene wabo ati: Nimuteranye amabuye; barayazana, barama igishinga: basangirira kuri icyo gishinga.

Labani aravuga ati: "Uwiteka agenzure hagati yacu, nituba tutakibonana. Ni ugirira nabi abakobwa banjye, cyangwa nubaharika, nta wundi uri kumwe natwe; dore Imana ni yo muhamya wacu."

Yakobo arahira asezerana isezerano imbere y'Uwiteka ko atazashaka abandi bagore.; Kandi Labani abwira Yakobo ati: Dore iki gishyinga, n'iyi nkingi, nshyize hagati yacu. Iki gishyinga kibe umuhamya, yuko ntazarenga iki gishyinga, ngo nze aho uri, nawe ko utazarenga iki gishyinga n'iyi nkingi ngo uzaho ndi, kungirira nabi. Imana y'Aburahamu, Imana ya Nahori, Imana ya bombi idukiranure." Yakobo arahira Iyo Isaka se yubaha.

Yakobo akomeza urugendo rwe, abamarayika b'Imana bahura na we. Ababonye aravuga ati : "Aba ni umutwe w'ingabo z'Imana."Abona abamarayika b'Imana mu nzozi bakambitse bamugose. Yakobo atuma intumwa kuri mukuru we Esawu yicishije bugufi ngo biyunge. "Izo ntumwa zisubira aho Yakobo ari, ziramubwira ziti: Twageze kuri mwene so Esawu, kandi aribuze kugusanganira, azanye n'abantu magana ane. Yakobo aratinya cyane, ahagarika umutima: abantu bari kumwe na we n'umikumbi n'amashyo n'ingamiya abigabanyamo imitwe ibiri ati: Esawu yatungukira ku mutwe umwe, akawurimbura, usigaye wakira.

Kandi Yakobo arambaza ati: "Mana ya sogokuru Aburahamu, Mana ya data Isaka, Uwiteka, ntiwambwiye" uti: "Subira mu gihugu cyanyu no muri bene wanyu, nanjye nzakugirira neza? Ku mbabazi zose n'umurava wose wagiriye umugaragu wawe sinarinkwiriye guhabwaho n'ibyoroheje hanyuma y'ibindi; kuko nambutse Yorodani iyi mfite inkoni nsa, none mpindutse imitwe ibiri. Ndakwinginze, unkize mwene data Esawu: kuko mutinya ngo ataza akanyica n'abana na banyina. Nawe warambwiye uti: "sinzabura kukugirira neza, nzahwanya urubyaro rwawe n'umusenyi wo kunyanja, utabarika."

## 13

## Inzira yo gutsinda

Yakobo yongera kwishinja cyane mu mutima we icyaha cyo kwiba mwene se umugisha yari yaragenewe, atinya ko Imana izakundira Esawu kumwica. Amaze kwiheba, asenga Imana ijoro ryose. Nabonye marayika ahagarara imbere ya Yakobo, amwereka igicumuro cye uko kimeze by'ukuri.

Marayika ahindukiye ngo amusige, Yakobo aramufata, yanga kumurekura. Arasaba cyane arira. Avuga ko amaze kwicuza cyane ibyaha yakoze n'uko yariganije cyane mwene se, kandi ari byo byamutandukanije n'urugo rwa se imyaka makumyabiri yose. Atinyuka gutondagura amasezerano y'Imana n'ibimenyetso yabonye by'uko imukunda ibihe bitari bimwe mu busuhuke bwe ari kure y'urugo rwa se.

Yakobo akesha ijoro akirana na marayika, asaba cyane kubona umugisha. Marayika yasaga nk'aho ashaka kwanga kumvira imisabire ye, kuko ahora amwibutsa ibyaha bye kandi ashaka kumucika. Yakobo yari yagambiriye kugundira marayika, atari ku bw'amaboko, ahubwo bitewe n'imbaraga yo kwizera kuzima. Mu kababaro ke Yakobo akomeza kuvuga uko yicuza mu mutima we, n'uburyo yicishije bugufi ku bwo ibicumuro bye. Marayika asa n'aho atitaye ku gusenga kwe akomeza kugerageza kwinyugushura Yakobo wari umufashe. Iyo abishaka yajyaga kubasha kubona imbaraga zitari izo abantu ziva mu ijuru kugira ngo acike Yakobo, ariko ntiyabasha kugenza atyo.

Ariko abonye ko atabasha gutsinda Yakobo, ashaka kumwereka imbaraga ze zidashira zitangaje, akora ku mutsi wo kunyonga y'itako rye, ako kanya arareguka. Ariko Yakobo ntiyarorera gukirana kuko itako rye rimubabaje. Icyo yari agamije ni ukubona umugisha, maze kubabara k'umubiri ntikwamugamburuza.

Uko yakomeje gukirana ni ko imigambi yarushijeho gukomera. Kwizera kwe kurushaho kugwira no kwihangana kugeza igihe barekuranye, umuseke utambitse. Aramusubiza ati: "Sinkurekura, utampaya umugisha." Marayika aramubaza ati: "Witwa nde? "Aramusubiza ati: "Ndi Yakobo. Aramubwira: " Ntucyitwa Yakobo, ahubwo uzitwa Isirayeli, kuko wakiranije Imana n'abantu, ukanesha."

### *Kwizera Kunesha*

Ukwizera kwaYakobo kwarihanganye kuranesha. Yafashe marayika kugeza ubwo abona umugisha yashakaga, amenya adashidikanya ko ababariwe ibyaha bye. Izina rye rihindurwa ukundi ngo ntazongera kwitwa Yakobo, umuhenzi; ahubwo azitwa Isirayeli, risobanurwa ngo, umutware w'Imana. "Yakobo aramubwira ati: "Ndakwinginze mbwira izina ryawe. "Aramusubiza ati: "N'iki gitumye umbaza izina ryanjye? "Ahamuhera umugisha. Yakobo yita aho hantu Peniyeli: "Ndebesheje Imana amaso sinapfa ." Kristo ni we wari kumwe na Yakobo muri iryo joro, ni we wakiranye na we, akamukomeza yihanganye kugeza ubwo umuha umugisha.

Uwiteka yumvise gusenga kwa Yakobo, ahindura ibyo Esawu yari yagambiriye mu mutima we. Nta bwo Uwiteka yashimye uburiganya bwa Yakobo ubwo yacakuraga. Mu kubaho kwa Yakobo yakundaga gushidikanya no kwiheba no kubabazwa n'icyaha cye, kugeza ubwo yakirinye na marayika ubutadohoka, ahamirizwa ko Imana yamubabariye ibyaha bye. "Ni ukuri yakiranije marayika, aramutsinda; amwinginga arira: i Beteli ni ho yamubonye, ari ho yavuganiye natwe; ni we Uwiteka Imana Nyiringabo; ni izina ryibutsa abantu ko ari Uwiteka." Hoseya 12:4,5.

Esawu yari yaje gusanganira Yakobo azanye n'ingabo, afite imigambi yo kwica mwene se. Ariko ubwo marayika yakiranaga na Yakobo muri iryo joro, marayika wundi yatumwe koroshya umutima wa Esawu nijoro asinziriye. Mu nzozi ze yabonye Yakobo yimukiye kure y'iwabo imyaka makumyabiri, kuko yatinyaga gupfa. Mu nzozi ze abona Yakobo yicishije bugufi, abona n'abamarayika bamugose. Arota yuko igihe aribumusanganire mu nzozi, aribube atagifite imigambi yo kugira icyo amutwara. Esawu abyutse mu nzozi, atekerereza abantu be maganane ibyo inzozi yarose, abategeka kutagira icyo batwaraYakobo, kuko Imana ya se iri kumwe na we. Abihanagiriza ko ubwo baribuhure na Yakobo bataza kugira n'umwe ugerageza kugira icyo amutwara.

"Yakobo yubura amaso, arebye abona Esawu azanye n'abantu maganane …. Maze ubwe abarangaza imbere, yikubita hasi karindwi arinda agera aho yegereye mwene se. Esawu arirukanka ajya kumusanganira, aramuhobera, begamiranye amajosi, aramusoma: bombi bararira." Yakobo yinginga Esawu ngo yakire impongano y'amahoro, Esawu arayanga, ariko Yakobo aramuhata: "Ndakwinginze, emera impano yanjye bakuzaniye; kuko Imana yampereye ubuntu, kandi mfite ibikwiriye byose, "Aramugomera, arayemera."

### *Icyo ibi bitwigisha*

Yakobo na Esawu bashushanya abantu b'amaharakubiri: Yakobo, abakiranutsi; na Esawu, abakiranirwa. Akaga Yakobo yari arimo igihe amenye ko Esawu aje kumutera azanye n'abantu maganane gashushanya akaga abakiranutsi bazagira. Marayika ahagarara imbere ya Yakobo, Yakobo afata marayika, aramukomeza, akirana na we ijoro ryose. Ni ko n'abakiranutsi mu gihe cyabo cy'amakuba no guhagarika imitima, bazakirana n'Imana basenga, nk'uko Yakobo yakiranye na marayika. Muri ako kaga ke akesha ijoro asaba kurokorwa amaboko ya Esawu. Abakiranutsi na bo mu kababaro kabo ko guhagarika imitima bazatakira Uwiteka ku manywa na nijoro ngo abakize amaboko y'abakiranirwa babagose.

Yakobo arasaba, avuga yeruye ko adakwiriye: "Ku mbabazi zose n'umurava wose wagiriye umugaragu wawe sinari nkwiriye guhabwaho n'ibyoroheje hanyuma y'ibindi." Abakiranutsi na bo mu makuba yabo baziyumvamo cyane ko badakwiriye, bazemerana amarira menshi ko ari nta cyo bamaze na hato, nka Yakobo bazavuga amasezerano y'Imana muri Kristo, yasezeraniwe abanyabyaha nka we, bicujije ibyaha byabo badafite icyo bishingikirizaho, bisunga Imana yonyine.

Yakobo yagundiriye marayika mu makuba ye; aramukomeza, ntiyamurekura. Ubgo asaba cyane arira, marayika amwibutsa icyaha yigeze gukora, agerageza kwikura Yakobo, ngo amugerageze arebe kwizera kwe. Niko rero abakiranutsi bazageragezwa mugihe cyabo cy'umubabaro, ngo basuzumwe mu mitima yabo,babone uko bagaragaza kwizera kwabo ko gukomeye, nuko bafite kwihangana bakamenya badashidikanya ko Imana ifite imbararaga zo kubakiza.

Yakobo nta bwo yemeye kwerekezwa irya. Yari azi neza ko Imana ifite imbabazi, ayisaba kumwereka kugira neza kwayo. Ayibutsa uburyo yagize agahinda akicuza ibyaha yakoze byose ayigomera, asaba kumukiza ukuboko kwa Esawu. Akomeza atyo kuyinginga, akesha ijoro. Yisubiyemo ngo arebe ibyaha yakoze, agera bugufi bwo kwiheba rwose. Ariko amenya neza ko Imana ikwiriye kumutabara; itamutabaye yapfa. Akomeza gufata maraika cyane, arushaho gusaba ataka ababaye abikuye ku mutima, kugeza igihe anesha.

Ni ko bizaba ku bakiranutsi. Ubwo bazisubiramo barebe ibyaha bakoze mu kubaho kwabo kwa kera bazaba bari hafi yo kubura ibyiringiro rwose. Ariko ubwo bazamenya ko bari hagati yo kubona ubugingo cyangwa urupfu, bazatakira cyane Imana bayisaba kubemera ku mpamvu z'uko ibyaha byabo ari byinshi, byabateye intimba, bakaba bamaze kubyicuza bicishije bugufi, maze bavuga isezerano ryayo: "Naho bitaba bityo, Ahubwo yisunga imbaraga zanjye abone kuzura nanjye: ndetse niyuzure nanjye." Yesaya 27:5. Ni ko bazasaba Imana mu masengesho yabo ku manywa na n'ijoro. Imana ntiba yarumvise gusaba kwa Yakobo, igakiza ubugingo bwe kubwo imbabazi zayo, iyaba atigeze yicujije ibyaha bye byo kubona umugisha wa se mu buryo bw'uburiganya.

Abakiranutsi bazamera nka Yakobo, ukwizera kudahindana n'imigambi ikomeye, itazagamburura. Baziyumvamo ko badakwiriye, ariko nta byaha bya rwihishwa bazaba barasigaranye batagaragaje. Baramutse bagize ibyaha bitatuwe kandi biticujijwe bikanyura imbere yabo, muri icyo gihe, bakiyumvamo cyane ko badakwiye na hato kandi ubwoba bwabica, bakagira agahinda kamena umutima, ibyo byose byabatera kwiheba rwose. Gucogora kwabuza kwizera kwabo gukomeye, kandi ntibagire ibyiringiro byo gusaba Imana ngo ibakize. Kandi ibihe byabo by'igiciro cyinshi babimara bavuga ibyaha bya rwihishwa barizwa n'ukuntu batagifite ibyiringiro.

Iki gihe ni cyo kwitegura bose bahawe ngo biringanize mbere y'umunsi ukomeye, w'Uwiteka. Nihagira abatabyitaho ngo bitegure, bagahinyura imiburo baburiwe, bazasigara batagira icyo bikirisha. Gukirana na marayika kwa Yakobo akomeje cyane, yihanganye, bikwiriye kuba icyitegererezo ku Bakristo bose: Yakobo yaranesheje kuko yihanganye ntiyagamburura.

Abashaka umugisha w'Imana bose, nka Yakobo, bakisunga cyane amasezerano nka we, banga kurekura bihanganye nka we, bazanesha nk'uko na we yanesheje. Impamvu abiyita abizera benshi batagira kwizera k'ukuri, ntibumva uko gukomeye, biterwa n'uko bagira ubunebwe mu by'umwuka. Ntibemera gukorana umwete wose ngo biyange, guhendahenda Imana bababaye cyane, ngo bamare umwanya bayisaba umugisha. Kwizera kuzihanganira icyo gihe cy'umubabaro gukwiriye gukora ku mutima yacu iminsi yose ubu ngubu kwimenyerezwa. Abatagerageza uko bashoboye kose ubu ngo bagira ukwizera kuzababashisha kwihanganye, bazaba batiteguye na gato kugira ukwizera kuzababashisha guhagarara muri uwo munsi w'amakuba n'ibyago.

